dans des eaux non soumises à la souveraineté d'un État, soit à bord d'un aéronef immatriculé au Rwanda si ce dernier se trouve sur un territoire non soumis à la souveraineté d'un État.

Ingingo ya 10: Itegeko rikurikizwa mu guhana icyaha gikorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda

Article 10: Applicable law to punish an offence committed on the territory of Rwanda

Article 10: Loi applicable pour la répression d'une infraction commise sur le territoire du Rwanda

Icyaha cyose gikorewe mu ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, cyaba gikozwe n'Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, gihanishwa itegeko ry'u Rwanda.

Any offence committed on the Rwandan territory, either by a Rwandan or a foreign citizen, is punished according to the Rwandan law.

Toute infraction commise sur le territoire du Rwanda soit par un citoyen rwandais ou étranger, est sanctionnée par la loi rwandaise.

Icyakora, ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku bafite ubudahangarwa burengerwa n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu cyangwa umuco amahanga yose ahuriyeho.

However, the provisions of Paragraph One of this Article do not apply to people entitled to diplomatic immunity guaranteed by international conventions ratified by Rwanda or by international customs or practices.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne sont pas applicables en cas de personnes jouissant de l'immunité diplomatique garantie par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda ou les coutumes ou usages internationaux.

Ingingo ya 11: Ihanwa ry'Umunyarwanda wakoreye icyaha hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda

Article 11: Punishment of a Rwandan citizen having committed an offence outside the territory of Rwanda

Article 11: Répression d'un citoyen rwandais ayant commis une infraction hors du territoire du Rwanda

Umunyarwanda wakoreye icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda ashobora guhanwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda nk'aho icyo cyaha cyakorewe mu Rwanda mu gihe icyo cyaha gihanwa n'amategeko y'u Rwanda.

A Rwandan citizen who commits a felony or a misdemeanour outside the territory of Rwanda may be punished in accordance with the Rwandan law as if the offence was committed in Rwanda, provided that such an offence is punishable by the Rwandan law.

Un citoyen rwandais qui a commis un crime ou un délit hors du territoire du Rwanda peut être puni selon les dispositions de la loi rwandaise comme si l'infraction était commise au Rwanda lorsque celle-ci est punie par la loi rwandaise.

Ingingo ya 12: Ihanwa ry'icyaha kibangamira inyungu z'u Rwanda gikorewe hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda

Umunyarwanda wese cyangwa umunyamahanga wese wakoreye hanze y'ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye kibangamiye inyungu z'u Rwanda cyangwa umunyarwanda, ashobora gukurikiranwa no gucirwa urubanza hakurikije itegeko ry'u Rwanda nkaho icyaha cyaba cyarakorewe mu Rwanda.

Ingingo ya 13: Ihanwa ry'icyitso ku cyaha cyakorewe mu mahanga

Umuntu wese wabaye icyitso ku cyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye cyakorewe mu mahanga, uri ku ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda ashobora guhanwa n'inkiko z'u Rwanda, iyo icyo cyaha gihanwa n'itegeko ry'igihugu cyakorewemo n'itegeko ry'u Rwanda.

Ingingo ya 14: Icyaha mpuzamahanga n'icyaha cyambuka imbibi

Icyaha mpuzamahanga ni icyaha giteganywa gutyo n'Amategeko Mpuzamahanga.

Article 12: Punishment of an offence committed outside the territory of Rwanda against the interest of Rwanda

Any Rwandan or foreign citizen who commits a felony or a misdemeanour against the interests of Rwanda or against a Rwandan citizen outside the territory of Rwanda may be prosecuted and tried in accordance with the Rwandan law as if the offence had been committed in Rwanda.

Article 13: Punishment of an accomplice to an offence committed abroad

Any person on the territory of Rwanda who is an accomplice to a felony or misdemeanour committed abroad, may be punished by Rwandan courts if the offence is punishable under the law of the country where the offence was committed and by the Rwandan law.

Article 14: International crime and transnational crime

An international crime is a crime classified as such under international law.

Article 12: Répression d'infraction commise en dehors du territoire du Rwanda contre les intérêts du Rwanda

Tout citoyen rwandais ou étranger qui commet en dehors du territoire du Rwanda un crime ou un délit contre les intérêts du Rwanda ou d'un citoyen rwandais peut être poursuivi et jugé selon la loi du Rwanda comme si l'infraction avait été commise au Rwanda.

Article 13: Répression d'un complice d'une infraction commise à l'étranger

Toute personne complice d'un crime ou délit commis à l'étranger qui se trouve sur le territoire du Rwanda peut être punie par les juridictions rwandaises lorsque l'infraction est punissable par la loi du pays où elle a été commise et la loi rwandaise.

Article 14: Crime à caractère international et crime à caractère transnational

Un crime à caractère international est un crime qualifié comme tel par le droit international.

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

Ibyaha mpuzamahanga ni ibi bikurikira:	International crimes are the following:	Les crimes à caractère international sont les suivants :
1° icyaha cya jenocide;	1 ° the crime of genocide;	1 ° le crime de génocide;
2° icyaha cyibasira inyokomuntu;	2 ° the crime against humanity;	2 ° le crime contre l'humanité;
3° ibyaha by'intambara.	3 ° war crimes.	3 ° les crimes de guerre.
Icyaha cyambuka imbibi iyo kimwe mu bikorwa bikigize gikorewe hanze y'imipaka y'u Rwanda.	A transnational crime means a crime, one of whose constituent elements is accomplished outside Rwanda's borders.	Un crime à caractère transnational est une infraction dont l'un de ses éléments constitutifs est accompli au-delà des frontières du Rwanda.
Umuntu wese, yaba Umunyarwanda cyangwa umunyamahanga, imiryango ya Leta cyangwa itari iya Leta yo mu Rwanda cyangwa mu mahanga, ukoreye ku ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda cyangwa mu mahanga icyaha mpuzamahanga cyangwa icyaha cyambuka imbibi ashobora, iyo afatiwe ku ifasi y'Igihugu cy'u Rwanda, guhanwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.	Any person, whether a Rwandan or foreign citizen, a national or foreign non-governmental organization or association, that commits, inside or outside the territory of Rwanda, an international crime or transnational crime may, if apprehended on the territory of Rwanda, be punished in accordance with the Rwandan law.	Toute personne, qu'elle soit citoyen rwandais ou étranger, une organisation ou une association non gouvernementale nationale ou étrangère, qui commet sur le territoire du Rwanda ou étranger, un crime à caractère international ou transnational peut, si elle est arrêtée sur le territoire du Rwanda, être punie conformément à la loi rwandaise.
<u>Ingingo ya 15: Isuzumwa ry'ubwenegihugu nyarwanda</u>	<u>Article 15: Assessment of Rwandan nationality</u>	<u>Article 15: Appréciation de la nationalité rwandaise</u>
Umunyarwanda uvugwa mu ngingo ya 9, iya 10, iya 11, iya 12, iya 14, iya 191 n'ya 192 z'iri tegeko ni uwari ufite ubwenegihugu nyarwanda igihe icyaha cyakorwaga.	The Rwandan citizen referred to under Articles 9, 10, 11, 12, 14, 191 and 192 of this Law is the one who had a Rwandan nationality at the time of the commission of the offence.	Le citoyen rwandais visé aux articles 9, 10, 11, 12, 14, 191 et 192 de la présente loi est celui qui avait la nationalité rwandaise au moment de la commission de l'infraction.

UMUTWE WA II: IBYICIRO BY'IBYAHA

Ingingo ya 16: Ubusumbane bw'ibyaha

Ibyaha bisumbana hakurikijwe uburemere bwabyo ku buryo bukurikira:

- 1° icyaha cy'ubugome;
- 2° icyaha gikomeye;
- 3° icyaha cyoroheje.

Ingingo ya 17: Icyaha cy'ubugome

Icyaha cy'ubugome ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) cyangwa igifungo cya burundu.

Ingingo ya 18: Icyaha gikomeye

Icyaha gikomeye ni icyaha itegeko rihanisha igihano cy'iremezo cy'igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Ingingo ya 19: Icyaha cyoroheje

Icyaha cyoroheje ni icyaha itegeko rihanisha gusa igihano cy'iremezo cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu (6), icy'ihazabu cyangwa igihano cy'imirimo y'inyungu rusange.

CHAPTER II: CATEGORIES OF OFFENCES

Article 16: Classification of offences

Offences are classified according to their gravity as follows:

- 1° felony;
- 2° misdemeanour;
- 3° petty offence.

Article 17: Felony

A felony is an offence punishable under the law by a principal penalty of imprisonment for a term of more than five (5) years or by life imprisonment.

Article 18: Misdemeanour

A misdemeanour is an offence punishable under the law by a principal penalty of imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than five (5) years.

Article 19: Petty offence

A petty offence is an offence punishable under the law only by a principal penalty of imprisonment for a term of less than six (6) months, a fine or the penalty of community service.

CHAPITRE II: CATÉGORIES D'INFRACTIONS

Article 16: Classification des infractions

Les infractions sont classées selon leur gravité comme suit:

- 1° crime;
- 2° délit;
- 3° contravention.

Article 17: Crime

Un crime est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement supérieure à cinq (5) ans ou par l'emprisonnement à perpétuité.

Article 18: Délit

Un délit est une infraction que la loi punit à titre principal d'une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Article 19: Contravention

Une contravention est une infraction que la loi punit seulement à titre principal d'une peine d'emprisonnement inférieure à six (6) mois, d'une amende ou de la peine de travaux d'intérêt général.

**UMUTWE WA III: GUCURA
UMUGAMBI WO GUKORA ICYAHA
N'UBWINJIRACYAHA**

Icyiciro cya mbere: Gucura umugambi

**Ingingo ya 20: Gucura umugambi wo
gukora icyaha**

Gucura umugambi wo gukora icyaha ni ubwumvikane hagati y'abantu babiri (2) cyangwa benshi bugamije gukora icyaha cyakorwa n'umwe cyangwa benshi muri bo.

Gucura umugambi wo gukora icyaha bihanishwa igihano giteganyirijwe icyaha cyacuriwe umugambi.

Umuntu wese uri mu mugambi wo gutegura, akabimenyesha ubutegetsi bw'igihugu, inzego z'ubutabera cyangwa iz'umutekano, ko hategurwa ibyaha, akabumenyesha n'amazina y'abagome n'ay'ibytso byabo, asonerwa igihano giteganyirijwe icyaha cyo gucura umugambi mu gihe ibyo abikoze mbere y'uko icyaha gicurirwa umugambi gikorwa.

**CHAPTER III: CONSPIRACY AND
ATTEMPT TO COMMIT AN
OFFENCE**

Section One: Conspiracy

**Article 20: Conspiracy to commit an
offence**

Conspiracy to commit an offence is an agreement between two (2) or more persons to engage in the commission of an offence by any one or more of them.

Conspiracy to commit an offence is punishable by the same penalty as the intended offence.

Any person involved in conspiracy but who reports it to administrative authorities, judicial or security organs and disclose to them the names of involved criminals and their accomplices is exempted from the penalty prescribed for conspiracy if he/she reports it before the commission of the offence in respect of which conspiracy takes place.

**CHAPITRE III: CONSPIRATION ET
TENTATIVE D'INFRACTION**

Section première: Conspiration

**Article 20: Conspiration de commettre
une infraction**

La conspiration de commettre une infraction consiste en une entente entre deux (2) ou plusieurs personnes en vue de la commission d'une infraction par l'une ou plusieurs d'entre elles.

La conspiration de commettre une infraction est punissable de la peine prévue pour l'infraction pour laquelle la conspiration a lieu.

Toute personne impliquée dans une conspiration et en fait dénonciation aux autorités administratives, aux organes judiciaires ou de sécurité et leur révèle les noms des criminels impliqués et leurs complices, est exemptée de la peine prévue pour conspiration si une telle dénonciation se fait avant que ne soit commise l'infraction pour laquelle la conspiration a lieu.

Icyiciro cya 2: Ubwinjiracyaha

Ingingo ya 21: Ihanwa ry'ubwinjiracyaha

Ubwinjiracyaha buhanirwa iyo umugambi wo gukora icyaha wagaragajwe n'igikorwa kimwe cyangwa byinshi biboneka, bidashidikanywa by'intangiriro y'icyaha biganisha ku ikorwa ryacyo, nyuma bigahagarikwa, bikabuzwa kugera ku cyifuzo cyangwa bikazitirwa n'impamvu zidakomoka ku bushake bwa nyir'ugukora icyaha.

Ubwinjiracyaha burahanirwa n'ubwo icyari kigambiriwe kitashoboraga kugerwaho bitewe n'impamvu nyir'ugukora icyaha atashoboye kumenya.

Ubwinjiracyaha bw'icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye buhanishwa kimwe cya kabiri (1/2) cy'igihano giteganyirijwe icyo cyaha. Ku cyaha gihanishwa igifungo cya burundu, ubwinjiracyaha buhanishwa igihano cy'igifungo kingana n'imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Ubwinjiracyaha bw'icyaha cyoroheje ntibuhanirwa.

Section 2: Attempt to commit an offense

Article 21: Punishment of attempt to commit an offence

An attempt is punishable when the intention to commit the offence has been demonstrated by one or more observable and unequivocal acts which constitute the beginning of the commission of the offence and leading to its execution, and that were suspended or failed in their purpose only because of circumstances beyond the offender's control.

An attempt to commit an offence is punishable even if the intended purpose could not be achieved because of factual circumstances unknown to the offender.

An attempt to commit a felony or a misdemeanour is punishable with one half (1/2) the penalty for the felony or misdemeanour itself. For the offence punishable by the penalty of life imprisonment, the attempt is punishable by imprisonment for a term of twenty-five (25) years.

An attempt to commit a petty offence is not punishable.

Section 2: Tentative d'infraction

Article 21: Répression de la tentative d'infraction

Il y a tentative punissable lorsque la résolution de commettre l'infraction a été manifestée par un ou plusieurs actes extérieurs non équivoques qui constituent le commencement de la commission de cette infraction et conduisant à sa consommation, et qui n'ont été suspendus ou qui n'ont manqué leur effet que par des circonstances indépendantes de la volonté de l'auteur.

La tentative d'infraction est punissable alors même que le but recherché ne pouvait pas être atteint en raison des circonstances de fait ignorées de l'auteur.

Une tentative de crime ou de délit est réprimée par la moitié (1/2) de la peine prévue pour cette infraction. Pour une infraction punissable d'un emprisonnement à perpétuité, la tentative est punissable d'un emprisonnement de vingt-cinq (25) ans.

La tentative de contravention n'est pas punissable.

Ingingo ya 22: Kwigarura k'uwari ugambiriye gukora icyaha

Iyo uwari ugambiriye gukora icyaha yigaruye ku bushake bwe ntahanwa, keretse iyo ibyo yamaze gukora ubwabyo ari icyaha.

INTERURO YA III: IBIHANO MURI RUSANGE

UMUTWE WA MBERE: IBYICIRO BINYURANYE BY'IBIHANO

Icyiciro cya mbere: Ibyiciro by'ibihano

Ingingo ya 23: Ibihano by'iremezo bihabwa abantu ku giti cyabo

Ibihano by'iremezo bihabwa abantu ku giti cyabo ni ibi bikurikira:

- 1° igifungo;
- 2° ihazabu;
- 3° imirimo y'inyungu rusange.

Ingingo ya 24: Ibihano by'ingereka bihabwa abantu ku giti cyabo

Ibihano by'ingereka bihabwa abantu ku giti cyabo ni ibi bikurikira:

Article 22: Voluntary abandonment of intent to commit an offence

If a person who had the intent to commit an offence voluntarily abandons the intent, he/she is not punished, unless the preparatory acts alone already constitute an offence.

TITLE III: PENALTIES IN GENERAL

CHAPTER ONE: DIFFERENT CATEGORIES OF PENALTIES

Section One: Categories of penalties

Article 23: Principal penalties applicable to natural persons

Principal penalties applicable to natural persons are the following:

- 1° imprisonment;
- 2° fine;
- 3° penalty of community service.

Article 24: Accessory penalties applicable to natural persons

Accessory penalties applicable to natural persons are the following:

Article 22: Renonciation volontaire à l'intention de commettre une infraction

Si celui qui avait l'intention de commettre une infraction renonce volontairement à l'action, il n'encourt pas de peine, à moins que les actes préparatoires à eux seuls constituent déjà une infraction.

TITRE III: PEINES EN GÉNÉRAL

CHAPITRE PREMIER: DIFFÉRENTES CATÉGORIES DE PEINES

Section première: Catégories de peines

Article 23: Peines principales applicables aux personnes physiques

Les peines principales applicables aux personnes physiques sont les suivantes:

- 1° l'emprisonnement;
- 2° l'amende;
- 3° la peine de travaux d'intérêt général.

Article 24: Peines accessoires applicables aux personnes physiques

Les peines accessoires applicables aux personnes physiques sont les suivantes:

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

1° ubunyagwe bwihariye;	1° special confiscation;	1° la confiscation spéciale;
2° kubuzwa cyangwa gutegekwa kuba ahantu;	2° a ban on residence or compulsory residence in a particular location;	2° l'interdiction ou l'obligation de séjour;
3° kwamburwa uburenganzira mboneragihugu umuntu afite mu gihugu;	3° deprivation of civic rights;	3° la dégradation civique;
4° gutangaza icyaha cyakozwe n'igihano cyatanzwe n'urukiko.	4° publication of the offence committed and the penalty pronounced by the court.	4° la publication de l'infraction commise et de la peine prononcée par la juridiction.
<u>Ingingo ya 25:</u> Ibihano bihabwa ibigo n'imiryango bya Leta cyangwa imiryango itari iya Leta ifite ubuzimagatozi	<u>Article 25:</u> Penalties applicable to institutions and organizations of the State or non-governmental organizations with legal personality	<u>Article 25:</u> Peines applicables aux institutions et organisations de l'État ou aux organisations non gouvernementales dotées de la personnalité juridique
Ibihano bihabwa ibigo bya Leta, imiryango ya Leta, amasosiyete, amakoperative, imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi ni ibi bikurikira:	Penalties applicable to the institutions and organizations of the State, companies, cooperatives, non-governmental organizations with legal personality are the following:	Les peines applicables aux institutions et organisations de l'État, aux sociétés, aux coopératives, aux organisations non-gouvernementales dotées de la personnalité juridique sont les suivantes:
1° ihazabu;	1° a fine;	1° amende;
2° kubuzwa mu gihe runaka gukora kimwe cyangwa byinshi mu bikorwa yiyemeje;	2° the ban on the conduct of one or several professional or social activities for a fixed period of time;	2° l'interdiction d'exercer une ou plusieurs activités professionnelles ou sociales pour une période déterminée;
3° kunyagwa ikintu cyifashishijwe cyangwa cyari kigenewe gukora icyaha cyangwa icyagikomotseho;	3° confiscation of the object used or intended for use in the commission of the offence or the proceeds thereof;	3° la confiscation de la chose qui a servi ou était destinée à commettre l'infraction ou du produit de cette dernière;
4° gutangaza igihano cyatanzwe.	4° publication of the penalty pronounced.	4° la publication de la peine prononcée.

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

Amasosiyete, amakoperative, imiryango itari iya Leta ifite ubuzimagatozi ishobora no guhanishwa kandi ibi bihano bikurikira:

Companies, cooperatives, non-governmental organizations with legal personality may also be punishable by the following penalties:

Les sociétés, les coopératives, les organisations non gouvernementales dotées de la personnalité juridique peuvent également être punissables des peines suivantes:

- | | | |
|---|--|--|
| 1° iseswa; | 1° dissolution; | 1° dissolution; |
| 2° gufunga burundu ibyakorewemo cyangwa ibyifashishijwe mu gukora ibikorwa bibujijwe; | 2° permanent closure of establishments in which incriminated acts have been committed or which have been used to commit such acts; | 2° fermeture définitive des établissements dans lesquels ont été commis ou ayant servi à commettre les faits incriminés; |
| 3° guhezwa burundu mu masoko ya Leta cyangwa mu gihe giteganywa n'amategeko abigenga; | 3° permanent exclusion from public procurement contracts, either indefinitely or for a fixed period of time provided for by relevant laws; | 3° exclusion de la participation à des marchés publics soit à titre définitif soit pour une durée prévue par la législation en la matière; |
| 4° kubuzwa gutanga sheki, ikarita ihesha amafaranga cyangwa impapuro mvunjwafaranga; | 4° the ban on issuing a cheque, a credit card or negotiable instrument; | 4° interdiction d'émettre un chèque, une carte de crédit ou un titre négociable; |
| 5° gushyira ku bugenzurwe bw'ubucamanza. | 5° placement under judicial supervision. | 5° placement sous surveillance judiciaire. |

Icyiciro cya 2: Ingingo zihariye ku bihano bimwe na bimwe

Section 2: Special provisions applicable to some penalties

Section 2: Dispositions particulières à certaines peines

Akiciro ka mbere: Igihano cy'igifungo

Subsection One: Penalty of imprisonment

Sous-section première: Peine d'emprisonnement

Ingingo ya 26: Igihe igihano cy'igifungo kimara

Article 26: Duration of the penalty of imprisonment

Article 26: Durée de la peine d'emprisonnement

Igihano cy'igifungo gishobora kumara igihe kizwi cyangwa kikaba icya burundu.

The penalty of imprisonment may be for a fixed term or for life.

La peine d'emprisonnement peut être à durée déterminée ou à perpétuité.

Ingingo ya 27: Igifungo kimara igihe kizwi

Igifungo kimara igihe kizwi, kimara nibura umunsi umwe (1) kandi ntikirenga imyaka makumyabiri n'itanu (25), keretse iyo itegeko ribiteganyanya ukundi.

Igifungo kimara igihe kizwi kibarirwa ku minsi, amezi cyangwa imyaka bya kalendari isanzwe.

Igifungo cy'umunsi umwe ni amasaha makumyabiri n'ane (24), icy'ukwezi kumwe (1) ni iminsi mirongo itatu (30), icy'umwaka umwe (1) ni amezi cumi n'abiri (12).

Ingingo ya 28: Ibarwa ry'igifungo kimara igihe kizwi

Igihe cy'igifungo gitangira kubarwa kuva ku munsi urubanza ruhana umuntu rwabaye ndakuka.

Igihe umuntu amaze afunzwe n'inzego zabiherewe ububasha n'itegeko kivanwa mu gihe cy'igifungo urukiko rwategetse.

Mu kubara igihe igifungo cyategetswe kizamara, ntihitabwa ku gihe uwakatiwe yihungishije ubwe igihano.

Article 27: Fixed-term imprisonment

Fixed-term imprisonment is imposed for at least one day and at most twenty-five (25) years, unless the law provides otherwise.

Fixed-term imprisonment is calculated on the basis of days, months or years of the Gregorian calendar.

An imprisonment of one (1) day is equal to twenty-four (24) hours, an imprisonment of one (1) month is equal to thirty (30) days and an imprisonment of one (1) year is equal to twelve (12) months.

Article 28: Calculation of the term of fixed-term imprisonment

The term of imprisonment runs from the day on which the judgment of conviction becomes final.

The length of the period of detention by legally competent organs is deducted from the term of imprisonment imposed by the court.

In calculating the term of imprisonment, no account is taken of the period during which the convict has voluntarily avoided serving the penalty.

Article 27: Emprisonnement à durée déterminée

L'emprisonnement à durée déterminée dure au moins un (1) jour et ne dépasse pas vingt-cinq (25) ans, à moins que la loi n'en dispose autrement.

L'emprisonnement à durée déterminée se calcule en jours, mois ou années du calendrier grégorien.

L'emprisonnement d'un (1) jour est de vingt-quatre (24) heures. Celui d'un (1) mois est de trente (30) jours. Celui d'une (1) année est de douze (12) mois.

Article 28: Calcul de la durée de l'emprisonnement à durée déterminée

La durée de l'emprisonnement court du jour où le jugement de condamnation est devenu définitif.

Le délai de détention par des organes légalement compétents est déduit de la durée de la peine d'emprisonnement prononcée par le jugement.

Dans le calcul de la durée d'une peine d'emprisonnement, le temps pendant lequel le condamné s'est volontairement soustrait de l'exécution de la peine n'est pas inclus.

Iyo umuntu akatiwe ibihano by'igifungo birenze kimwe, igifungo gikurikira gitangira kubarwa ikikibanziriza kirangiye.

Ingingo ya 29: Igihano cy'igifungo cya burundu

Igihano cy'igifungo cya burundu ni igifungo kimara ubuzima bwose uwagikatiwe asigaje kubaho.

Akiciro ka 2: Igihano cy'ihazabu

Ingingo ya 30: Igihano cy'ihazabu

Ihazabu igizwe nibura n'ifaranga rimwe (1) ry'u Rwanda.

Ingingo ya 31: Itangwa ry'igihano cy'ihazabu

Igihano cy'ihazabu gihabwa buri muntu ku giti cye mu bakatiwe, hakurikijwe uburemere bw'icyaha.

Urukiko rushyiraho igihe ntarengwa ihazabu itangirwamo. icyo gihe ntigishobora kurenga umwaka umwe (1) kuva urubanza rubaye ndakuka.

Urukiko rushobora kwemeza ko ihazabu yishyurwa mu byiciro cyangwa isimbuswa imirimo y'inyungu rusange.

When a person is given more than one penalty of imprisonment, the next imprisonment penalty starts to run upon the expiration of the previous one.

Article 29: Life imprisonment

The penalty of life imprisonment implies a jail term for the rest of the convict's life.

Subsection 2: Fine

Article 30: Amount of fine

The fine is at least one (1) Rwandan franc.

Article 31: Imposition of a fine

A fine is imposed individually on each of the convicts on the basis of the gravity of the offence.

The court sets the time limit for payment of a fine. This time limit does not exceed one (1) year from the day the judgment has become final.

The court may order that the fine be paid in instalments or commuted to community service.

Lorsqu'une personne est condamnée à plus d'une peine d'emprisonnement, la peine d'emprisonnement suivante prend cours à la date d'expiration de la peine précédente.

Article 29: Emprisonnement à perpétuité

La peine d'emprisonnement à perpétuité est un emprisonnement d'un condamné pour le reste de sa vie.

Sous-section 2: Amende

Article 30: Montant de l'amende

L'amende est de un (1) franc rwandais au moins.

Article 31: Prononcé de l'amende

L'amende est prononcée individuellement contre chacun des condamnés en tenant compte de la gravité de l'infraction.

La juridiction fixe le délai dans lequel l'amende doit être payée. Ce délai ne peut aller au-delà d'une (1) année à compter du jour où le jugement devient définitif.

La juridiction peut décider que l'amende soit payée par tranches ou commuée en travaux d'intérêt général.

Ingingo ya 32: Impurirane y'ihazabu n'ibindi byishyurwa

Iyo umutungo w'uwakatiwe udashobora kuvamo ihazabu, gusubiza iby'abandi n'indishyi z'akababaro, habanza gusubizwa iby'abandi no kwishyura indishyi z'akababaro.

Ingingo ya 33: Ubufatanye bw'abahamwe n'icyaha mu kwishyura ibisubizwa, indishyi z'akababaro cyangwa amagarama y'urubanza

Abantu bose bahaniwe icyaha kimwe bafatanye kwishyura ibisubizwa, indishyi z'akababaro n'amagarama y'urubanza.

Ingingo ya 34: Gusubiza ibyarigishijwe, ibyibwe, ibyambuwe cyangwa ibyatanzwe bitari ngombwa

Mu rubanza rw'inshinjabyaha rugennye igihano, iyo hari ibyarigishijwe, ibyibwe, ibyambuwe ku buryo bw'uburiganya cyangwa ibyatanzwe bitari ngombwa urukiko rugomba gutegeka kubisubiza.

Article 32: Fine awarded concurrently with other payments

When the convict's property is insufficient for the payment of the fine, restitutions and damages, priority is given to the payment of restitutions and damages.

Article 33: Joint liability of convicts for the payment of restitutions, damages or court fees

All persons convicted of the same offence are held jointly responsible for restitutions, damages and court fees.

Article 34: Restitution of embezzled, stolen, fraudulently obtained or unduly given property

If a penalty is imposed in a criminal case, the court must order the restitution of embezzled, stolen, fraudulently obtained or unduly given property, if any.

Article 32: Concours de l'amende et d'autres paiements

Lorsque les biens du condamné sont insuffisants pour le recouvrement de l'amende, des restitutions et des dommages-intérêts, la somme recouvrée est prioritairement affectée aux restitutions et aux dommages-intérêts.

Article 33: Solidarité des condamnés dans le paiement des restitutions, des dommages-intérêts ou des frais de justice

Toutes les personnes condamnées pour une même infraction sont tenues solidairement des restitutions, des dommages-intérêts et des frais de justice.

Article 34: Restitution des biens détournés, volés, escroqués ou livrés indûment

En cas d'imposition d'une peine dans une affaire pénale, la juridiction doit ordonner la restitution des biens détournés, volés, escroqués ou livrés indûment, le cas échéant.

Akiciro ka 3: Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange

Ingingo va 35: Itangwa ry'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange

Iyo igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gitanzwe nk'igihano cy'iremezo, urukiko rugena igihe ntarengwa kizamara. Icyo gihe ntigishobora kurenga amezi atandatu (6).

Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gishobora gutangwa gisimbura ikindi gihano cy'iremezo. Muri icyo gihe, gitangwa ku buryo bukurikira:

1° iyo icyaha gihanishwa igifungo kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka itanu (5), urukiko rushobora gutegeka uwagikatiwe kurangiza icya kabiri (1/2) cy'igihano akora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange;

2° iyo icyaha gihanishwa igifungo kitageza ku mezi atandatu (6), urukiko rushobora kumutegeka gukora igihano cy'imirimo y'inyungu rusange mu gihe kidashobora kurenga igihe ntarengwa cyo hejuru cy'igifungo giteganywa n'itegeko kuri icyo cyaha.

Subsection 3: Penalty of community service

Article 35: Imposition of the penalty of community service

In case the penalty of community service is imposed as principal penalty, the court sets the time limit for serving such a penalty. Such a time limit does not exceed six (6) months.

The penalty of community service may be imposed in lieu of another principal penalty. In that case, it is imposed as follows:

1° when an offence is punishable by imprisonment for a term of more than six (6) months and not more than five (5) years, the court may order that the convict serve half (1/2) of the term of his/her penalty in serving the penalty of community service;

2° when an offence is punishable by imprisonment for a term of less than six (6) months, the court may order that the convict serve the penalty of community service for a period not exceeding the maximum imprisonment provided by the law for such an offence.

Sous-section 3: Peine de travaux d'intérêt général

Article 35: Imposition de la peine de travaux d'intérêt général

Lorsque la peine de travaux d'intérêt général est imposée en tant que peine principale, la juridiction fixe le délai de son exécution. Ce délai ne peut pas dépasser six (6) mois.

La peine de travaux d'intérêt général peut être prononcée pour se substituer à une autre peine principale. Dans ce cas, elle est imposée de façon suivante:

1° lorsqu'une infraction est punissable d'un emprisonnement supérieur à six (6) mois mais n'excédant pas cinq (5) ans, la juridiction peut décider que le condamné accomplisse la moitié (1/2) de sa peine en purgeant la peine de travaux d'intérêt général;

2° lorsque l'infraction est punissable d'un emprisonnement inférieur à six (6) mois, la juridiction peut ordonner que le condamné purge la peine de travaux d'intérêt général pour un délai n'excédant pas le délai maximum de l'emprisonnement prévu par la loi pour cette infraction.

Iyo uwahamwe n'icyaha adakoze neza igihano cy'imirimu y'inyungu rusange, ahatirwa kurangiriza muri gereza igihano gisigaye yakatiwe.

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gukora igihano cy'imirimu y'inyungu rusange.

Ingingo ya 36: Igihano cy'imirimu y'inyungu rusange igihe uwakatiwe adashoboye kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko

Mu gihe urukiko ruciyeye ihazabu, amafaranga y'urubanza, ubwishyu ubwo ari bwo bwose bugenewe isanduku ya Leta n'ibintu bigomba gusubizwa cyangwa indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha, rugena igihe cyo gukora igihano cy'imirimu y'inyungu rusange mu gihe uwakatiwe adashoboye kubahiriza ibyo yategetswe n'urukiko.

Iyo urukiko rutegetse isubizwa ry'ibintu cyangwa indishyi z'akababaro bigenewe uwakorewe icyaha, imirimu y'inyungu rusange ntabwo ikuraho uburenganzira bw'uwakorewe icyaha kuri iryo subizwa cyangwa indishyi.

Uwakatiwe igihano cy'imirimu y'inyungu rusange ntakomeza kugikora iyo yishyuye.

In case of the convict's failure to properly serve the penalty of community service, he/she is forced to serve the remainder of the penalty in prison.

A Presidential Order determines modalities for the execution of the penalty of community service.

Article 36: Penalty of community service in case of the convict's failure to comply with a court order

When the Court imposes a fine, court fees, any other payment into the public treasury, and restitutions or payment of damages for the benefit of the victim, it determines, in case of the convict's failure to execute the court's convictions against him/her, the period to serve the penalty of community service.

When the court orders restitutions or payment of damages for the benefit of the victim, community service imposed does not preclude the victim's right to such restitutions or damages.

A convict is exempted from serving the penalty of community service if he/she effects payment.

Lorsque le condamné n'exécute pas convenablement la peine de travaux d'intérêt général, il est contraint de purger le reste de sa peine en prison.

Un arrêté présidentiel fixe les modalités d'exécution de la peine de travaux d'intérêt général.

Article 36: Peine de travaux d'intérêt général en cas de défaut par le condamné de se conformer à la décision judiciaire

Lorsque la juridiction prononce une condamnation à l'amende, aux frais de justice, à tout paiement au profit du trésor public, à des restitutions ou à des dommages-intérêts envers une partie civile, elle fixe la durée de la peine de travaux d'intérêt général dans le cas où le condamné ne serait pas en mesure d'exécuter les condamnations prononcées par la juridiction contre lui.

Lorsque la juridiction ordonne les restitutions ou le paiement des dommages-intérêts au bénéfice de la victime, les travaux d'intérêt général n'excluent pas le droit de la victime à ces restitutions ou dommages-intérêts.

Le condamné à la peine de travaux d'intérêt général est libéré de cette peine s'il parvient à payer.

Akiciro ka 4: Ubunyagwe

Ingingo ya 37: Ubunyagwe bwihariye

Igihe hakoze icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye, kunyagwa kw'ibintu bigize icyaha, ibyagikoreshejwe, ibyagenewe kugikora cyangwa ibyagikomotseho, cyangwa igihembo kijyanye no gukora icyaha byemezwa mu icibwa ry'urubanza, bikongerwa ku gihano cy'iremezo, iyo ibyo bintu ari iby'uwakatiwe. Iyo atari iby'uwakatiwe cyangwa iyo icyaha cyakozwe ari icyoroheje, ubunyagwe bwemezwa gusa mu bihe biteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 38: Ibuzwa ry'inyagwa rusange

Inyagwa rusange ry'ibintu byose uwahanwe atunze n'ubw'ibyo ashobora kuzatunga, rirabujijwe.

Ingingo ya 39: Imicungire y'ibintu byanyazwe

Ibintu byanyazwe bishyirwa mu maboko ya Leta.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uburyo ibintu byanyazwe bicungwa.

Subsection 4: Confiscation

Article 37: Special confiscation

In case a felony or a misdemeanour is committed, confiscation of items regarded as forming the *corpus delicti*, those used or intended for use in the commission of the offence, or those regarded as the proceeds from the commission of the offence is imposed as an accessory penalty in addition to the principal penalty if such items belong to the convict. If such items do not belong to the convict or if the offence committed is a petty offence, the confiscation is ordered only in cases specified by the law.

Article 38: Prohibition of the general confiscation

The general confiscation of all the convict's current and future property is prohibited.

Article 39: Administration of confiscated property

Confiscated property is put into the hands of the State.

An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for the administration of confiscated property.

Sous-section 4: Confiscation

Article 37: Confiscation spéciale

Lorsqu'un crime ou un délit est commis, la confiscation des biens qui forment le corps de l'infraction, qui ont servi ou qui sont destinés à la commettre ou qui ont été produits par la commission de l'infraction, est prononcée accessoirement à la peine principale, lorsque ces biens appartiennent au condamné. Lorsqu'ils ne lui appartiennent pas ou lorsque l'infraction commise est une contravention, la confiscation n'est prononcée que dans les cas prévus par la loi.

Article 38: Interdiction de la confiscation générale

La confiscation générale portant sur la totalité du patrimoine présent et futur du condamné est interdite.

Article 39: Administration des biens confisqués

Les biens confisqués sont remis à l'État.

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions fixe les modalités d'administration des biens confisqués.

Akiciro ka 5: Kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu

Ingingo ya 40: Itangwa ry'igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu

Uretse igihe itegeko ribiteganya ukundi, urukiko rushobora kubuza cyangwa gutegeka umuntu kuba ahantu mu bihe bikurikira:

- 1° iyo umuntu yahanishijwe igifungo kirenze imyaka itanu (5);
- 2° iyo umuntu wigeze guhanishwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6), yongeye guhanishwa igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) mu myaka itanu (5) kuva arangije icyo gihano cyangwa igihe cyo gukurikirana irangiza ryacyo cyararenze.

Kubuza kuba ahantu cyangwa gutegeka kuba ahantu ntibishobora kurenza igihe cy'umwaka umwe (1).

Subsection 5: Ban on residence or compulsory residence in a particular location

Article 40: Imposition of the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location

Unless the law provides otherwise, the court may order ban on residence or compulsory residence in a particular location in the following cases:

- 1° if a person is sentenced to imprisonment for a term of more than five (5) years;
- 2° if a person who, having been sentenced to imprisonment for a term equal to or more than six (6) months, is sentenced again to imprisonment for a term equal to or more than six (6) months within five (5) years of the execution of such a penalty or when its enforcement has become time-barred.

The duration of ban on residence or compulsory residence in a particular location may not exceed a period of one (1) year.

Sous-section 5: Interdiction de séjour ou obligation de séjour

Article 40: Imposition de la peine d'interdiction ou d'obligation de séjour

A moins que la loi n'en dispose autrement, la juridiction peut ordonner l'interdiction ou l'obligation de séjour dans les cas suivants:

- 1° si une personne a été condamnée à un emprisonnement supérieur à cinq (5) ans;
- 2° si une personne qui, ayant été condamnée à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois, est condamnée de nouveau à un emprisonnement égal ou supérieur à six (6) mois dans un délai de cinq (5) ans après l'exécution de la première peine ou sa prescription.

La durée de l'interdiction ou de l'obligation de séjour ne peut dépasser un (1) an.

Ingingo ya 41: Ibarwa ry'igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu n'uburyo gishyirwa mu bikorwa

Igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu gitangira ku itariki uwahamwe n'icyaha arangirijeho igihano cy'igifungo.

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo, igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu gitangira ku muni afunguriweho.

Iyo uwakatiwe afunguwe by'agateganyo yongeye gufungwa, igihe yamaze mu gihano cyo kubuzwa cyangwa gutegekwa kuba ahantu gikurwa mu gihano yakatiwe n'urukiko.

Iteka rya Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze rigena uburyo bwo gushyira mu bikorwa igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu.

Article 41: Calculation of the term of the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location and modalities for execution thereof

The penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location commences on the day of completion of the penalty of imprisonment by the convict.

If the convict is released on parole, the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location commences on the day of release.

If the convict released on parole is re-incarcerated, the period of ban on residence or compulsory residence in a particular location is deducted from the penalty imposed on him/her by the court.

An Order of the Minister in charge of justice determines modalities for the execution of the penalty of ban on residence or compulsory residence in a particular location.

Article 41: Calcul de la durée de la peine d'interdiction ou d'obligation de séjour et modalités de son exécution

La peine d'interdiction ou d'obligation de séjour commence à la date à laquelle le condamné finit de purger sa peine d'emprisonnement.

Lorsque le condamné est libéré conditionnellement, l'interdiction ou l'obligation de séjour commence le jour de la mise en liberté.

Lorsque le condamné libéré conditionnellement est réincarcéré, la durée de l'interdiction ou de l'obligation de séjour effectuée est déduite de la peine prononcée par la juridiction contre lui.

Un arrêté du Ministre ayant la justice dans ses attributions détermine les modalités d'exécution de la peine d'interdiction ou d'obligation de séjour.

**Akiciro ka 6: Kwamburwa
uburenganzira mboneragihugu**

Subsection 6: Deprivation of civic rights

Sous-Section 6: Dégradation civique

**Ingingo ya 42: Kwamburwa
uburenganzira mboneragihugu**

Article 42: Deprivation of civic rights

Article 42: Dégradation civique

Kwamburwa uburenganzira
mboneragihugu ni:

The deprivation of civic rights consists of
the following:

La dégradation civique consiste en ce qui
suit:

- | | | |
|--|--|---|
| 1° gukurwa mu murimo wa Leta cyangwa kubuzwa kuwujyamo; | 1° removal or prohibition from any public service; | 1° la destitution ou l'exclusion de tout emploi public; |
| 2° kubuzwa uburenganzira bwose cyangwa bumwe umuntu afite mu gihugu bwerekeye politiki; | 2° deprivation of all or part of political rights; | 2° la privation de tout ou partie des droits politiques; |
| 3° kubuzwa uburenganzira bwo kwambara impeta z'ishimwe; | 3° deprivation of the right to wear decorations of honour; | 3° la privation du droit de porter des décorations honorifiques; |
| 4° kutemererwa gutanga ubuhamya nk'umuhanga cyangwa nk'umutangabuhamya mu byemezo no mu manza, uretse kuba yatanga amakuru; | 4° prohibition to act as an expert witness or a witness to deeds and to testify in court, except in case of providing information; | 4° l'incapacité d'être témoin expert ou témoin dans les actes et de déposer en justice autrement que pour donner des informations; |
| 5° kutemererwa kuba mu bagize inama y'umuryango, umwishingizi, gushingwa ibintu, gusimbura umwishingizi, kureberera abadafite ubwenge buhagije, uretse gusa kubigirira abana be bwite; | 5° loss of legal capacity to act as a family council member, a guardian, a trustee, a guardian replacement, a guardian of intellectually disabled persons except in case of his/ her own children; | 5° incapacité d'être membre de conseil de famille, tuteur, curateur, remplaçant de tuteur, tuteur des personnes à déficience mentale, excepté en cas de ses propres enfants ; |
| 6° kubuzwa uburenganzira bwo gutunga intwari; | 6° deprivation of the right to possess arms; | 6° la privation du droit de détention d'armes; |

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|--|--|--|
| 7° kubuzwa gukoresha urupapuro mvunjwafaranga cyangwa ikarita iguhesha amafaranga; | 7° prohibition to use a negotiable instrument or a credit card; | 7° l'interdiction d'utiliser un instrument négociable ou une carte de crédit; |
| 8° guhezwa mu masoko ya Leta; | 8° debarment from participating in public procurement; | 8° l'exclusion de la participation à des marchés publics; |
| 9° kubuzwa uburenganzira bwo kujya mu mahanga; | 9° deprivation of the right to leave the national territory; | 9° la privation du droit de sortie du territoire national ; |
| 10° kubuzwa imirimo imwe n'imwe yagenwa n'urukiko. | 10° deprivation of the right to perform such functions as may be specified by the court. | 10° la privation du droit d'exercer certaines fonctions qui seraient déterminées par la juridiction. |

Ingingo ya 43: Itangwa ry'igihano cyo kwamburwa uburenganzira mboneragihugu

Nta muntu ushobora kwamburwa icyarimwe uburenganzira mboneragihugu keretse ku bakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu.

Uretse ku bakatiwe igifungo cya burundu, kwamburwa uburenganzira mboneragihugu ntibishobora kurenga igihe cy'imyaka icumi (10).

Kwamburwa uburenganzira mboneragihugu bishobora guhagarikwa, gukurwaho cyangwa kugabanywa, hakurikijwe ibiteganywa ku gihano cy'igifungo.

Article 43: Imposition of the penalty of deprivation of civic rights

Except for persons sentenced to life imprisonment, no person may be deprived of all civic rights.

With the exception of convicts sentenced to life imprisonment, deprivation of civic rights cannot exceed ten (10) years.

The deprivation of civic rights may be suspended, lifted or reduced in the same manner as in the case of the penalty of imprisonment.

Article 43: Imposition de la peine de dégradation civique

Nul ne peut être dégradé de l'ensemble des droits civiques sauf pour des personnes condamnées à l'emprisonnement à perpétuité.

A l'exception des condamnés à la peine d'emprisonnement à perpétuité, la dégradation civique ne peut excéder dix (10) ans.

La dégradation civique peut être suspendue, levée ou réduite dans les mêmes conditions que pour la peine d'emprisonnement.

Kwamburwa uburenganzira mboneragihugu, bishobora kumanwaho iyo uwakatiwe yagiriye igihugu akamaro gahebuje cyangwa yaritangiye gutsura amajyambere y'abaturage.

Ingingo ya 44: Iyamburwa ry'uburenganzira mboneragihugu ku wakatiwe igihano cy'igifungo cya burundu

Igihano cy'igifungo cya burundu kijyana no kwamburwa ku buryo buhoraho uburenganzira mboneragihugu.

Ingingo ya 45: Igihe igihano cyo kwamburwa uburenganzira mboneragihugu gishobora gutangwa

Kwamburwa uburenganzira mboneragihugu buteganywa mu ngingo ya 42 y'iri tegeko bishobora gutangwa bikongerwa ku gihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze imyaka itanu (5).

Akiciro ka 7: Gutangaza igihano cyatanzwe

Ingingo ya 46: Uburyo bw'itangazwa ry'igihano

Urukiko rushobora gutegeka gutangaza igihano cyatanzwe bikongerwa ku gihano

The deprivation of civic rights may be lifted if the convict has performed an exceptional act of good citizenship or highly committed himself/herself to promoting social development.

Article 44: Deprivation of civic rights for a convict sentenced to the penalty of life imprisonment

Life imprisonment automatically entails the permanent deprivation of all civic rights.

Article 45: Circumstances in which the penalty of deprivation of civic rights may be imposed

The deprivation of civic rights provided for in Article 42 of this Law may be imposed as an accessory penalty in addition to the principal penalty of imprisonment that is equal to or more than five (5) years.

Subsection 7: Publication of imposed penalty

Article 46: Mode of publication of the penalty

The court may order publication of a penalty imposed as an accessory penalty in

La dégradation civique peut être levée si le condamné a accompli un acte de civisme exceptionnel ou s'il s'est hautement consacré à des œuvres de développement communautaire.

Article 44: Dégradation civique pour un condamné à la peine d'emprisonnement à perpétuité

La peine d'emprisonnement à perpétuité entraîne de plein droit et de façon perpétuelle la dégradation de l'ensemble des droits civiques.

Article 45: Circonstances dans lesquelles la peine de dégradation civique peut être imposée

La dégradation des droits civiques prévus par l'article 42 de la présente loi peut être imposée accessoirement à la peine principale égale ou supérieure à cinq (5) ans d'emprisonnement.

Sous-section 7: Publication de la peine prononcée

Article 46: Mode de publication d'une peine

La juridiction peut ordonner la publication de la peine infligée accessoirement à une

cy'iremezo cy'igifungo kitari munsu y'inyaka itanu (5).

Ururiko rugena uburyo bwo gutangaza igihano cyatanze.

UMUTWE WA II: ITANGWA RY'IBIHANO

Icyiciro cya mbere: Ibikurikizwa mu ica ry'urubanza no mu itangwa ry'ibihano

Ingingo ya 47: Iyubahirizwa ry'itegeko mu ica ry'urubanza

Ururiko ruca urubanza rukurikije ibyo itegeko ritangaza, kandi rugomba kugaragaza impamvu rwashyigoyeho mu gufata icyemezo.

Ingingo ya 48: Igabanyagihano

Nta cyaha gishobora kugabanyirizwa igihano keretse mu bihe no mu buryo buteganywa n'itegeko.

Ingingo ya 49: Ibyo umucamanza akurikiza mu gutanga igihano

Umucamanza atanga igihano akurikije uburemere bw'icyaha, ingaruka icyaha cyateye, impamvu zatumye agikora, uko uwagikoze yari asanzwe yitwara, imibereho ye bwite n'uburyo icyaha cyakozwemo.

addition to the principal penalty of not less than five (5) years of imprisonment.

The court determines the mode of publication of the imposed penalty.

CHAPTER II: IMPOSITION OF PENALTIES

Section One: Basis for the judgment and imposition of penalties

Article 47: Compliance with the law during judgment

The court decides a case in accordance with the provisions of law and must state the basis of its decision.

Article 48: Penalty reduction

No penalty may be reduced except in cases and under circumstances provided by law.

Article 49: Factors taken into account by a judge in determining a penalty

A judge determines a penalty according to the gravity, consequences of, and the motive for committing the offence, the offender's prior record and personal situation and the circumstances surrounding the commission of the offence.

peine principale d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans.

La juridiction détermine le mode de publication de la peine infligée.

CHAPITRE II: IMPOSITION DES PEINES

Section première: Fondement du jugement et de l'imposition des peines

Article 47: Respect de la loi dans le jugement

La juridiction prononce le jugement dans le respect des dispositions de la loi et doit énoncer les motivations qui justifient sa décision.

Article 48: Réduction de la peine

Aucune peine ne peut être réduite sauf dans les cas et dans les circonstances prévues par la loi.

Article 49: Éléments guidant le juge dans la détermination d'une peine

Le juge détermine la peine sur base de la gravité de l'infraction, ses conséquences, en tenant compte de ses mobiles, des antécédents de la personne qui l'a commise, de sa situation personnelle et des

		circumstances qui ont entouré la commission de l'infraction.
Iyo hari impurirane z'impamvu zashingirwaho, umucamanza agomba kwita ku rutonde rukurikira mu kugena igihano:	In the event of concurrence of grounds for judgment, the judge must consider the following while imposing a penalty:	En cas de concours de circonstances de motivation du jugement, le juge impose la peine en tenant compte de ce qui suit:
1° impamvu nkomezacyaha;	1° aggravating circumstances;	1° circonstances aggravantes;
2° impamvu nyoroshyacyaha.	2° mitigating circumstances.	2° circonstances atténuantes.
<u>Icyiciro cya 2: Impamvu nkomezacyaha</u>	<u>Section 2: Aggravating circumstances</u>	<u>Section 2: Circonstances aggravantes</u>
<u>Ingingo ya 50: Igenwa ry'impamvu nkomezacyaha</u>	<u>Article 50: Determination of aggravating circumstances</u>	<u>Article 50: Détermination des circonstances aggravantes</u>
Impamvu nkomezacyaha ziteganywa gusa n'itegeko. Umucamanza ubwe ntashobora kuzigena.	Aggravating circumstances are exclusively provided for by law. The judge himself/herself cannot determine them.	Les circonstances aggravantes sont exclusivement prévues par la loi. Le juge ne peut les déterminer lui-même.
<u>Ingingo ya 51: Inkurikizi z'impamvu nkomezacyaha</u>	<u>Article 51: Effects of aggravating circumstances</u>	<u>Article 51: Effets des circonstances aggravantes</u>
Impamvu nkomezacyaha zongera uburemere bw'igihano mu buryo buteganywa n'itegeko.	Aggravating circumstances increase the gravity of penalty as determined by law.	Les circonstances aggravantes accroissent la gravité de la peine dans la manière fixée par la loi.
<u>Icyiciro cya 3: Isubiracyaha</u>	<u>Section 3: Recidivism</u>	<u>Section 3: Récidive</u>
<u>Ingingo ya 52: Isubiracyaha n'uko rihanwa</u>	<u>Article 52: Recidivism and its punishment</u>	<u>Article 52: Récidive et sa répression</u>
Ku byaha by'ubugome, isubiracyaha ribaho igihe cyose umuntu yongeye gukora icyaha	For felonies, recidivism occurs at any time when a person reoffends after conviction in a final judgment.	En cas de crimes, il y a récidive à tout moment où une personne commet de nouveau une infraction après avoir été

nyuma yo gukatirwa mu rubanza rwabaye ndakuka.

Ku byaha bikomeye, isubiracyaha ribaho iyo, kuva igihe umuntu yakatiwe mu rubanza rwabaye ndakuka kugeza mu gihe cy'imyaka itanu (5), ibarwa uherye igihe igihano cyarangirijwe cyangwa se nyuma y'ubusaze bwacyo, yongeye gukora icyaha.

Umuntu wese ugaragaweho isubiracyaha ahanishwa igihano ntarengwa cyateganyijwe n'itegeko kandi icyo gihano gishobora kongerwa kugeza ku nshuro ebyiri zacyo.

Ingingo ya 53: Igihe hatabaho isubiracyaha

Nta subiracyaha ribaho iyo:

- 1 ° icyaha cya mbere ari icyaha cyoroheje;
- 2 ° igihano cyahanishijwe icyaha cya mbere cyahanaguwe n'imbabazi zitangwa n'itegeko cyangwa n'ihanagurabusembwa;
- 3 ° umuntu wahaniwe icyaha cya gisirikare, yongeye gukora icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, keretse iyo igihano cya mbere cyatangiwe icyaha gishobora guhanishwa amategeko asanzwe y'ibihano.

For misdemeanours, recidivism occurs when a person convicted by final judgment, re-offends within five (5) years of completion of the sentence or after its prescription.

Every recidivist receives the maximum penalty provided by law and such penalty may be doubled.

Article 53: Circumstances when there is no recidivism

There is no recidivism if:

- 1° the previous offence is a petty offence;
- 2° the penalty imposed on the previous offence was removed by amnesty or rehabilitation;
- 3° the person who was sentenced for a military offence re-commits a felony or a misdemeanour except if the previous penalty imposed for an offence that may be punished by ordinary penal laws.

condamnée dans un jugement devenu définitif.

En cas de délits, il y a récidive lorsqu'une personne ayant été condamnée par un jugement définitif commet une nouvelle infraction dans un délai de cinq (5) ans à compter de la fin de l'exécution de la peine ou de sa prescription.

Tout récidiviste est passible du maximum de la peine prévue par la loi et cette peine peut être portée au double.

Article 53: Cas d'impossibilité de la récidive

Il n'y a pas récidive lorsque:

- 1° l'infraction précédente est une contravention ;
- 2° la peine prononcée pour l'infraction précédente a été effacée par l'amnistie ou par la réhabilitation;
- 3° la personne condamnée pour une infraction militaire commet un nouveau crime ou délit sauf lorsque la première peine a été prononcée pour une infraction punissable par des lois pénales ordinaires.

Icyiciro cya 4: Impamvu nyoroshiyacyaha ziteganywa n'itegeko

Akiciro ka mbere: Ubutoya

Ingingo ya 54: Ihanwa ry'umuntu ufite imyaka iri hagati ya cumi n'ine (14) na cumi n'umunani (18) y'amavuko

Iyo uwahamwe n'icyaha yari afite nibura imyaka cumi n'ine (14) y'amavuko ariko atarageza ku myaka cumi n'umunani (18) mu gihe icyaha cyakorwaga, ibihano bitangwa ni ibi bikurikira:

- 1° igifungo cy'imyaka itari muni y'icumi (10) ariko itarenga cumi n'itanu (15) iyo yari guhanishwa igifungo cya burundu;
- 2° igihano kidashobora kurenga kimwe cya kabiri (1/2) cy'igihano yagombaga guhanishwa, iyo yari guhanishwa igifungo kimara igihe kizwi cyangwa igihano cy'ihazabu.

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni nabyo bihabwa icyitso iyo cyari gifite nibura imyaka cumi n'ine (14) y'amavuko ariko kitarageza ku myaka cumi n'umunani (18) mu gihe icyaha cyakorwaga.

Section 4: Mitigating circumstances prescribed by law

Subsection One: Minority age

Article 54: Punishment of a person aged between fourteen (14) and eighteen (18) years

If the convict was at least fourteen (14) years of age but less than eighteen (18) years of age at the time of the commission of the offence, the following penalties apply:

- 1° imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years if he/she would be subjected to a life imprisonment;
- 2° a penalty which cannot exceed half (1/2) of the penalty he/she would receive if he/she would be subjected to a fixed-term imprisonment or a fine.

Penalties provided under Paragraph One of this Article also apply to an accomplice if the accomplice was at least fourteen (14) years of age but less than eighteen (18) years of age at the time of the commission of the offence.

Section 4: Circonstances atténuantes prévues par la loi

Sous-section première: Âge de la minorité

Article 54: Imposition d'une peine contre une personne âgée de quatorze (14) à dix-huit (18) ans

Lorsqu'une personne condamnée était âgée d'au moins quatorze (14) ans mais de moins de dix-huit (18) ans au moment de la commission de l'infraction, les peines à prononcer sont les suivantes:

- 1° un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans, si elle devait encourir la peine d'emprisonnement à perpétuité;
- 2° une peine qui ne peut dépasser la moitié (1/2) de celle à laquelle elle devait être condamnée, si elle devait encourir une peine d'emprisonnement à durée déterminée ou d'une peine d'amende.

Les peines visées à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à un complice lorsque ce dernier était âgé d'au moins quatorze (14) ans mais de moins de dix-huit (18) ans au moment de la commission de l'infraction.

Akiciro ka 2: Ubusembure

Ingingo ya 55: Ibihano mu gihe cy'ubusembure

Ibihano ku cyaha biragabanywa, iyo uwagikoze yasembuwe.

Ingingo ya 56: Kugaragaza mu rubanza ko habaye ubusembure

Igihe habaye ubusembure, umucamanza agaragaza mu cyemezo cy'urukiko ingingo zerekana ko imyitwarire y'uwakorewe icyaha ari yo yatumye icyo cyaha gikorwa.

Ingingo ya 57: Igabanya ry'igihano mu gihe habaye ubusembure

Iyo umucamanza yemeye impamvu zishingiye ku busemburwe bw'uwoze icyaha, ibihano bigabanywa ku buryo bukurikira :

- 1° ku cyaha cy'ubugome gihanishwa igifungo cya burundu, igihano kiragabanywa kikaba igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5);
- 2° ku cyaha cy'ubugome gihanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25), igihano kiragabanywa kikaba

Subsection 2: Provocation

Article 55: Penalties in case of provocation

Penalties are reduced for offences committed under provocation.

Article 56: Indication of provocation in judgement

In case of provocation, the judge states in the elements on which the judgment is based, facts that indicate that the victim's conduct caused the commission of the offence.

Article 57: Reduction of a penalty in case of provocation

If the judge is satisfied with elements that constitute provocation of the offender, penalties are reduced in the following proportions:

- 1° in case of a felony punishable by life imprisonment, the penalty is reduced to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years;
- 2° in case of a felony punishable by imprisonment of not less than five (5) years and not more than twenty-five (25) years, the penalty is reduced to imprisonment of

Sous-section 2: Provocation

Article 55: Peines en cas de provocation

Les peines sont réduites pour les infractions commises sous l'effet de la provocation.

Article 56: Mention de la provocation dans le jugement

Lorsqu'il y a eu provocation, le juge relève dans les éléments du jugement les faits indiquant que le comportement de la victime a été la cause de la commission de l'infraction.

Article 57: Réduction de la peine en cas de provocation

Lorsque le juge admet les éléments constituant la provocation de l'auteur, les peines sont réduites dans les proportions suivantes:

- 1° s'il s'agit d'un crime punissable de la peine d'emprisonnement à perpétuité, la peine est réduite à une peine d'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans;
- 2° s'il s'agit d'un crime punissable de l'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans, la peine est réduite à un emprisonnement d'au

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2);	not less than six (6) months and not more than two (2) years;	moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans ;
3° ku cyaha gikomeye, igihano kiragabanyuka kikaba igifungo kitari muni y'iminsi umunani (8) ariko kitageze ku mezi atandatu (6);	3° in case of a misdemeanour, the penalty is reduced to imprisonment of not less than eight (8) days but less than six (6) months;	3° s'il s'agit d'un délit, la peine est réduite à un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais inférieure à six (6) mois;
4° ku cyaha cyoroheje, nta gihano gitangwa.	4° in case of a petty offence, no penalty is imposed.	4° s'il s'agit d'une contravention, aucune peine n'est imposée.
<u>Icyiciro cya 5:</u> Impamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza	<u>Section 5:</u> Mitigating circumstances decided by a judge	<u>Section 5:</u> Circonstances atténuantes décidées par le juge
<u>Ingingo ya 58:</u> Iyemerwa ry'impamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza	<u>Article 58:</u> Acceptance of mitigating circumstances decided by a judge	<u>Article 58:</u> Acceptation des circonstances atténuantes décidées par le juge
Umucamanza ubwe ni we ugena niba impamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza zahabwa agaciro.	The judge assesses whether mitigating circumstances decided by a judge are admissible.	Le juge apprécie si les circonstances atténuantes décidées par le juge sont admissibles.
Kwemeza impamvu nyoroshyacyaha bigomba gusobanurwa mu cyemezo cy'urukiko.	The reasons for acceptance of mitigating circumstances must be stated in the judgment.	L'acceptation des circonstances atténuantes doit être motivée dans le jugement.
<u>Ingingo ya 59:</u> Zimwe mu mpamvu nyoroshyacyaha zemezwa n'umucamanza	<u>Article 59:</u> Certain mitigating circumstances decided by a judge	<u>Article 59:</u> Quelques circonstances atténuantes décidées par le juge
Umucamanza ashobora kugabanya ibihano nk'iyoye:	The judge may reduce penalties, especially when:	Le juge peut alléger les peines notamment lorsque:

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|--|--|---|
| <p>1° ushinjwa, mbere yo gukurikiranwa, yemeye icyaha akagisabira imbabazi uwo yakoreye icyaha n’umuryango nyarwanda mu buryo budashidikanywa, akicuza kandi akishyura ibyo yangije nk’uko bari babimutegerejeho;</p> | <p>1° the accused, before the commencement of prosecution, pleads guilty and sincerely seek forgiveness from the victim and the Rwandan society and expresses remorse and repairs the damage caused as much as would be expected from him/her;</p> | <p>1° le prévenu, avant le déclenchement des poursuites, plaide coupable et demande pardon à la victime et à la société rwandaise de manière sincère, en exprimant son repentir et en réparant le dommage qu’il a causé autant qu’on pouvait l’attendre de lui;</p> |
| <p>2° ushinjwa yishyikirije urwego rw’ubutabera rubifitiye ububasha, mbere y’uko akurikiranwa cyangwa se mu gihe hatangiye ibikorwa by’ikurikirana;</p> | <p>2° the accused turns himself/herself in to competent judicial authority before or during the pre-trial proceedings;</p> | <p>2° le prévenu se remet à l’autorité judiciaire compétente avant ou pendant la poursuite de l’instruction préparatoire;</p> |
| <p>3° mu ntangiriro z’iburanisha ku rwego rwa mbere, ushinjwa yireze akemera icyaha mu buryo budashidikanywa;</p> | <p>3° at the outset of the trial in the first instance, the accused pleads guilty by a sincere confession;</p> | <p>3° dès l’ouverture des débats au premier degré le prévenu plaide coupable en présentant des aveux sincères;</p> |
| <p>4° icyaha cyakozwe nta ngaruka zikomeye cyateje.</p> | <p>4° the offence has minor consequences.</p> | <p>4° les conséquences de l’infraction sont minimales.</p> |
| <div style="display: flex; justify-content: space-between;"> <div style="width: 30%;"> <p><u>Ingingo ya 60:</u> Igabanya ry’igihano mu gihe hari impamvu zigabanya ububi bw’icyaha zemezwa n’umucamanza</p> <p>Iyo hari impamvu zigabanya ububi bw’icyaha, ibihano bishobora kugabanywa ku buryo bukurikira:</p> </div> <div style="width: 35%;"> <p><u>Article 60:</u> Reduction of penalties in cases of mitigating circumstances decided by a judge</p> <p>If there are mitigating circumstances, penalties may be reduced as follows:</p> </div> <div style="width: 30%;"> <p><u>Article 60:</u> Réduction des peines en cas de circonstances atténuantes décidées par le juge</p> <p>S’il existe des circonstances atténuantes, les peines peuvent être réduites comme suit:</p> </div> </div> | | |
| <p>1° haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 107 igihano cyo gufungwa burundu gishobora kugabanywa ariko ntikijye muni y’imyaka makumyabiri n’itanu (25);</p> | <p>1° subject to the provisions of Article 107 life imprisonment may be reduced but it cannot be less than twenty-five (25) years;</p> | <p>1° sous réserve des dispositions de l’article 107, la peine d’emprisonnement à perpétuité peut être réduite mais ne peut aller en dessous de vingt-cinq (25) ans;</p> |
| <p>2° igihano cy’igifungo kimara igihe kizwi cyangwa ihazabu bishobora kugabanywa ariko ntibijye muni y’igihano gito</p> | <p>2° a fixed-term imprisonment or a fine may be reduced but it cannot be less than the</p> | <p>2° la peine d’emprisonnement à durée déterminée ou la peine d’amende peuvent être réduites mais sans aller en dessous du</p> |

ntarengwa giteganyirijwe icyaha
cyakozwe.

minimum sentence provided for the offence
committed.

minimum de la peine prévue pour
l'infraction commise.

Icyiciro cya 6: Impurirane y'ibyaha

Section 6: Concurrence of offences

Section 6: Concours d'infractions

**Ingingo ya 61: Igisobanuro
cy'impurirane y'ibyaha**

**Article 61: Definition of concurrence of
offences**

**Article 61: Définition du concours
d'infractions**

Haba impurirane y'ibyaha iyo umuntu
umwe (1) yakoze ibyaha byinshi kandi nta
na kimwe muri byo cyaciriwe urubanza
rwabaye ndakuka.

Concurrence of offences occurs when one
(1) person commits many offences, none of
which has been the subject of a definitive
judgment.

Il y a concours d'infractions lorsqu'une (1)
personne commet plusieurs infractions sans
qu'aucune condamnation définitive ne soit
intervenue pour l'une de ces infractions.

Impurirane y'ibyaha ishobora kuba
mbonezamugambi cyangwa
mbonezabyaha.

Concurrence of offences may be ideal or
real.

Le concours d'infractions peut être idéal ou
réel.

Impurirane mbonezamugambi ibaho iyo:

Ideal concurrence of offences occurs when:

Il y a concours idéal d'infractions lorsque:

1° igikorwa kimwe ubwacyo gikubiyemo
ibyaha byinshi;

1° a single act constitutes several offences;

1° le même fait constitue plusieurs
infractions ;

2° ibikorwa bitandukanye bigize ubwabyo
ibyaha bitandukanye, bihujwe n'uko
bigamije umugambi w'icyaha kimwe.

2° separate acts which constitute separate
offences, are related among themselves as
they are aimed at accomplishing a single
criminal intent.

2° des faits distincts qui, constituant des
infractions distinctes, sont unis entre eux
par le fait qu'ils visent une intention
délictueuse unique.

Impurirane mbonezabyaha ibaho iyo
ibikorwa bitandukanye ubwabyo byakozwe
bikurikirana kandi bikabyara ibyaha
bidafitanye isano.

Real concurrence of offences arises when
materially separate acts occur one after
another and result in separate offences.

Il y a concours réel d'infractions lorsque les
faits distincts au point de vue matériel, se
sont succédés et ont constitué des
infractions distinctes.

Ingingo ya 62: Ibihano mu gihe habaye impurirane y'ibyaha

Mu gihe cy'impurirane mbonezamugambi ivugwa mu gace ka mbere k'igika cya 3 cy'ingingo ya 61 y'iri tegeko, umucamanza atanga ibihano byateganyirijwe icyaha kirushije ibindi gukomera.

Mu gihe cy'impurirane mbonezamugambi ivugwa mu gace ka 2° k'igika cya 3 cy'ingingo ya 61 y'iri tegeko, umucamanza atanga igihano ntarengwa cyo hejuru giteganyirijwe icyaha kirusha ibindi gukomera.

Mu gihe cy'impurirane mbonezabyaha, umucamanza atanga ibihano kuri buri cyaha maze akabiteranya, ariko akubahiriza ibi bikurikira:

- 1° igihano cy'igifungo cya burundu kiburizamo ibindi bihano byose by'igifungo;
- 2° igiteranyo cy'ibihano by'igifungo kimara igihe kizwi ntigishora kurenga inshuro ebyiri (2) z'urwego ntarengwa rw'igihano kirushije ibindi gukomera;
- 3° igiteranyo cy'imirimo y'inyungu rusange ntikigomba kurenga imyaka ibiri (2);

Article 62: Penalties in case of concurrence of offences

In case of ideal concurrence of offences referred to in item One of Paragraph 3 of Article 61 of this Law, the judge imposes penalties provided for the most serious offence.

In case of ideal concurrence of offences referred to in item 2° of Paragraph 3 of Article 61 of this Law, the judge imposes the maximum penalty provided for the most serious offence.

In case of real concurrence of offences, the judge imposes penalties for each offence and combine them, taking into account the following:

- 1° the penalty of life imprisonment outweighs all other penalties of imprisonment;
- 2° the combination of penalties of fixed-term imprisonment cannot be more than twice the maximum of the most severe penalty;
- 3° the combination of the sentences of community service cannot exceed two (2) years;

Article 62: Peines en cas de concours d'infractions

En cas de concours idéal d'infractions prévu au point premier de l'alinéa 3 de l'article 61 de la présente loi, le juge prononce les peines prévues pour l'infraction la plus grave.

En cas de concours idéal d'infractions prévu au point 2° de l'alinéa 3 de l'article 61 de la présente loi, le juge impose le maximum de la peine prévue pour l'infraction la plus sévère.

En cas de concours réel d'infractions, le juge prononce les peines pour chaque infraction et en fait le cumul en tenant compte de ce qui suit:

- 1° la peine d'emprisonnement à perpétuité l'emporte sur toutes les autres peines d'emprisonnement;
- 2° le cumul des peines d'emprisonnement à durée déterminée ne peut excéder le double du maximum de la peine la plus sévère;
- 3° le cumul des peines aux travaux d'intérêt général ne peut pas excéder deux (2) ans ;

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

4 ° igiteranyo cy'ibihano by'ihazabu ntigishora kurenga inshuro ebyiri (2) z'urwego ntarengwa rw'igihano kirushije ibindi gukomera;	4° the combination of penalties of fine cannot be more than twice the maximum of the most severe penalty;	4° le cumul des peines d'amende ne peut pas excéder le double du maximum de la peine la plus sévère ;
5 ° igiteranyo cy'ibihano byo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu, cyangwa icy'ibihano byo kubuza uburenganzira mboneragihugu ntigishobora kurenga imyaka makumyabiri n'itanu (25).	5° the combination of penalties of ban on residence or compulsory residence in a particular location or penalties of deprivation of civic rights cannot be more than twenty-five years (25).	5° le cumul des peines d'interdiction ou d'obligation de séjour, ou de dégradation civique ne peut pas aller au-delà de vingt-cinq (25) ans.
Igihano cyose cy'ingereka kiratangwa n'ubwo cyaba giteganyijwe ku cyaha kimwe mu bigize impurirane.	Any accessory penalty is imposed even if it is provided only for one of the concurrent offences.	Toute peine accessoire est appliquée même si elle n'est prévue que pour l'une des infractions en concours.
<u>Ingingo ya 63: Uko ibihano birutana</u>	<u>Article 63: Hierarchy of penalties</u>	<u>Article 63: Hiérarchie des peines</u>
Igihano kiruta ibindi ni igifite urwego ntarengwa rwo hejuru rusumba urw'ibindi bihano.	The most severe penalty is the one whose upper end of the range is the highest.	La peine la plus sévère est celle dont la limite supérieure est la plus élevée.
Iyo ibihano bibiri (2) bihwanyije urwego ntarengwa rwo hejuru, igihano kiruta ikindi ni icyisumbuye mu rwego ntarengwa rwo hasi.	When two (2) penalties have the same upper end of the range, the most severe penalty is the one whose lower end of the range is the highest.	Lorsque deux (2) peines ont la même limite supérieure, la peine la plus sévère est celle dont la limite inférieure de la plage est la plus élevée.
Iyo ibihano byombi binganya urwego ntarengwa rwo hejuru n'urwego ntarengwa rwo hasi, igihano kiruta ikindi ni icyongereweho igihano cy'ihazabu.	When both penalties have the same upper end and the same lower end of the range, the most severe penalty is the one accompanied by the penalty of a fine.	Lorsque deux (2) peines ont la même limite supérieure et la même limite inférieure, la peine la plus sévère est celle qui est assortie d'une peine d'amende.
Igihe cyose, igihano cy'igifungo kiruta igihano cy'imirimo y'inyungu rusange n'icy'ihazabu.	A penalty of imprisonment is always more severe than the penalty of community service and the penalty of a fine.	Une peine d'emprisonnement est toujours plus sévère qu'une peine de travaux d'intérêt général et celle d'amende.

Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange kiruta icy'ihazabu.

Icyiciro cya 7: Isubikagihano

Ingingo ya 64: Igihe habaho isubikagihano

Isubikagihano ni icyemezo cy'urukiko gihagarika irangizarubanza ku gihano itegeko riteganyiriza igifungo kitarengeje imyaka itanu (5). Isubikagihano ritangwa hashingiwe ku buremere bw'icyaha.

Icyemezo cy'urukiko gisubika igihano kigomba kuba kigaragaza impamvu zashingiweho kandi gifatwa mu rubanza rumwe n'urw'icyaha ruburanisha. Gishobora gutegeka isubika ry'igifungo cyose cyangwa igice cyacyo.

Igihano cy'ihazabu n'icy'imirimo y'inyungu rusange ntibishobora gusubikwa.

Ingingo ya 65: Guta agaciro kw'igihano gisubitswe

Igihano gitanzwe kandi kigasubikwa kiba gitaye agaciro, iyo mu gihe cyemejwe kandi kidashobora kujya hasi y'umwaka umwe (1) no kurenga imyaka itanu (5), uwakatiwe atongeye guhamwa n'icyaha cy'ubugome cyangwa icyaha gikomeye yakoze kuva ku

The penalty of community service is more severe than that of a fine.

Section 7: Suspension of penalty

Article 64: Conditions for application of the suspension of penalty

Suspension of sentence is a court decision which orders the stay of execution of a penalty of imprisonment not exceeding five (5) years. Suspension of a penalty is ordered on the basis of the gravity of the offence.

The court decision ordering the suspension of penalty must be reasoned and rendered during the trial for the offence committed. Such a decision may order suspension of all or part of the penalty of imprisonment.

The penalty of a fine and that of community service may not be subject to suspension.

Article 65: Voidance of a suspended penalty

A suspended penalty is considered as void if, within the period set out in the decision and not less than one (1) year and not exceeding five (5) years, the convict has not subsequently been convicted of a felony or misdemeanour from the date when the

La peine de travaux d'intérêt général est plus sévère que celle d'amende.

Section 7: Sursis

Article 64: Conditions d'application du sursis

Le sursis est la décision judiciaire ordonnant de surseoir à l'exécution d'une peine d'emprisonnement n'excédant pas cinq (5) ans. Le sursis est ordonné en considération de la gravité de l'infraction.

La décision judiciaire ordonnant le sursis doit être motivée et rendue au cours du même procès jugeant l'infraction commise. Elle peut ordonner le sursis portant sur tout ou partie de la peine d'emprisonnement.

La peine d'amende et celle de travaux d'intérêt général ne peuvent pas faire l'objet de sursis.

Article 65: Non avenue du sursis

La condamnation prononcée avec sursis est considérée comme non avenue si, pendant le délai fixé par la décision et qui ne peut être inférieur à un an (1) ni excéder cinq ans (5), le condamné n'est pas de nouveau reconnu coupable d'un crime ou d'un délit

munsi icyemezo gihagarika
irangizarubanza cyabaye ndakuka.

decision ordering the suspension of penalty
has become final.

commis postérieurement à la date à laquelle
la décision accordant le sursis est devenue
définitive.

Iyo bitabaye bityo, igihano cyari
cyarasubitswe kimwe n'igihano ku cyaha
gishya birateranywa kandi bikarangirizwa
rimwe.

Otherwise, the suspended penalty as well as
the penalty subsequently imposed for the
new offence are combined and executed at
the same time.

Dans le cas contraire, la peine prononcée
avec sursis et celle prononcée pour la
nouvelle infraction sont cumulées et
exécutées en même temps.

**Ingingo ya 66: Inkurikizi
z'isubikagihano ku bindi byemezo
byafashwe n'urukiko**

**Article 66: Effects of suspension of a
penalty on other decisions rendered by
the court**

**Article 66: Effets du sursis sur les autres
décisions rendues par la juridiction**

Isubikagihano ntirisonera uwakatiwe
kwishyura amagarama y'urubanza, indishyi
z'akababaro no kwamburwa uburenganzira
mboneragihugu. Icyakora, kwamburwa
uburenganzira mboneragihugu bivaho iyo
igihano cyataye agaciro nk'uko biteganywa
mu ngingo ya 65 y'iri tegeko.

The suspension of a penalty does not
exempt a convict from paying the costs of
proceedings, damages and from deprivation
of civic rights. However, deprivation of
civic rights ceases to have effect if the
penalty becomes void as provided for in
Article 65 of this Law.

La suspension d'une peine n'exonère pas le
condamné ni du paiement des frais du
procès, des dommages-intérêts ni de la
dégradation civique. Toutefois, la
dégradation civique cesse d'avoir effet si la
peine est considérée comme non avenue tel
que prévu par l'article 65 de la présente loi.

**UMUTWE WA III: UBUZIME
BW'IBIHANO**

**CHAPTER III: EXTINCTION OF
PENALTIES**

**CHAPITRE III: EXTINCTION DES
PEINES**

**Ingingo ya 67: Impamvu zituma igihano
kizima**

**Article 67: Causes of extinction of
penalty**

**Article 67: Causes d'extinction d'une
peine**

Igihano kizima kubera irangizwa ryacyo,
urupfu rw'uwakatiwe, imbabazi zitanzwe
n'itegeko, imbabazi za Perezida wa
Repubulika cyangwa ubusaze bwacyo.

A penalty becomes extinct following its
execution, the convict's death, amnesty,
presidential pardon or due to its
prescription.

La peine s'éteint par son exécution, la mort
du condamné, l'amnistie, la grâce
présidentielle ou par sa prescription.

Icyiciro cya mbere: Imbabazi zitangwa n'itegeko

Ingingo ya 68: Igisobanuro cy'imbabazi zitangwa n'itegeko

Imbabazi zitangwa n'itegeko ni imbabazi zitangwa mu nyungu rusange zihabwa abantu ku bihano bari barakatiwe.

Ingingo ya 69: Inkurikizi z'imbabazi zitangwa n'itegeko

Imbabazi zitangwa n'itegeko zivanaho igihano cyatanzwe hamwe n'ingaruka zose z'icyaha.

Icyakora, imbabazi zitangwa n'itegeko ntizibuza uwakatiwe gutanga indishyi zikomoka ku cyaha yategetswe n'icyemezo cy'urukiko kimukatira igihano. Ntizibuza kandi ko hatangwa ikirego cy'imbonezamubano gishingiye ku cyaha.

Icyiciro cya 2: Imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika

Ingingo ya 70: Imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika

Imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika zitangwa mu bushishozi bwe kandi ku nyungu rusange z'Igihugu.

Section One: Amnesty

Article 68: Definition of amnesty

Amnesty is a pardon granted in the general interest and for the benefit of convicted persons in respect of the offences they have committed.

Article 69: Effects of amnesty

Amnesty extinguishes the penalty pronounced as well as consequences of the offence.

However, neither does amnesty exempt the convict from paying damages resulting from the court decision imposing the penalty nor does it prevent the filing of civil action arising out of the offence.

Section 2: Presidential pardon

Article 70: Presidential pardon

The presidential pardon is granted by the President of the Republic at his/her sole discretion and in the general interest of the country. It may be individual or collective.

Section première: Amnistie

Article 68: Définition de l'amnistie

L'amnistie est le pardon accordé pour l'intérêt général en faveur des condamnés concernant les infractions qu'ils ont commises.

Article 69: Effets de l'amnistie

L'amnistie efface la peine prononcée en même temps que toutes les conséquences de l'infraction.

Toutefois, l'amnistie n'exonère pas le condamné du paiement des dommages-intérêts résultant de la décision judiciaire de condamnation. L'amnistie n'empêche pas non plus l'introduction de l'action civile née de l'infraction.

Section 2: Grâce présidentielle

Article 70: Grâce présidentielle

La grâce présidentielle est accordée par le Président de la République à sa seule discrétion et dans l'intérêt général du pays. Elle peut être individuelle ou collective.

Zishobora guhabwa umuntu umwe cyangwa benshi.

Ingingo ya 71: Ibihano bishobora gutangirwa imbabazi za Perezida wa Repubulika

Imbabazi zishobora gutangirwa ibihano byose by'iremezo n'iby'ingereka kandi bikomoka ku rubanza rwaciwe burundu.

Iyo igihano cyarangijwe kuri bimwe, imbabazi zishobora gutangirwa igihano cyose gisigaye cyangwa igice cyacyo.

Igihamo giteganywa isubikagihano ntigishobora gutangirwa imbabazi igihe cyose isubikagihano ritavanwaho.

Ingingo ya 72: Inkurikizi z'imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika

Imbabazi zitanze na Perezida wa Repubulika zivanaho ibihano byose cyangwa bimwe uwakatiwe yaciwe cyangwa zikabisimbuza ibindi bihano bito ugereranyije n'ibyo yari yahawe.

Imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika ntizivanaho ibihano by'ingereka bitavuzwe mu cyemezo kizitanga cyangwa inkurikizi z'ikwirakwira,

Article 71: Penalties for which the presidential pardon may be granted

The presidential pardon may be granted for all principal and accessory penalties pronounced in a judgement that has become final.

When the penalty has been executed in part, the presidential pardon can be granted for all or part of the remainder of the penalty.

A suspended penalty may not be subject to presidential pardon as long as the suspension thereof is still effective.

Article 72: Effects of presidential pardon

The presidential pardon extinguishes all or any of the penalties imposed on the convict or replaces them with other penalties that are less severe than the ones imposed on him/her.

The presidential pardon does not extinguish accessory penalties that are not expressly specified in the order granting the pardon or the effects of conviction such as those

Article 71: Peines pour lesquelles la grâce présidentielle peut être accordée

La grâce présidentielle peut être accordée pour toutes les peines principales et accessoires issues d'un jugement devenu définitif.

Lorsque la peine a été partiellement exécutée, la grâce présidentielle peut être accordée pour tout ou partie du reste de la peine.

La peine prononcée avec sursis ne peut pas faire l'objet de grâce présidentielle aussi longtemps que le sursis n'est pas encore révoqué.

Article 72: Effets de la grâce présidentielle

La grâce présidentielle efface toutes les peines prononcées contre le condamné ou quelques-unes d'entre elles ou les supplée par les autres peines moins sévères que celles prononcées contre lui.

La grâce présidentielle n'efface pas les peines accessoires non expressément mentionnées dans la décision qui l'accorde ou les effets de la condamnation tels que

nk'izerekeye isubiracyaha, ubusubike bw'irangizagihano mu gihe habayeho ikurikiranwa ry'ibyaha bishya n'ugutsindirwa kuriha, nko gusubiza iby'abandi no gutanga indishyi z'akababaro.

Ingingo ya 73: Guhagarika irangiza ry'igihano

Iyo irangizwa ry'igihano cy'ihazabu cyangwa icy'igifungo kingana n'amezi atatu (3) cyangwa kiri hasi yayo ritaratangira, rirahagarikwa mu gihe cyose cy'iperereza rya dosiye kugeza ku muni icyemezo cy'imbabazi zitangwa na Perezida wa Repubulika gishyiriweho.

Icyakora, mu bihe byose Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ze, ashobora gutegeka ko irangiza ry'ibihano rihagarara muri icyo gihe, ari ku byerekeye ibihano byose bitaratangira ari no ku byerekeye ibihano byatangiyeye kubahirizwa.

Icyiciro cya 3: Ubusaze bw'ibihano

Ingingo ya 74: Igisobanuro cy'ubusaze bw'igihano

Ubusaze bw'igihano ni igihe gishira igihano kikaba kitagishoboye gushyirwa mu bikorwa.

related to recidivism, suspension of penalty in case of execution and prosecution for new offences and those of being ordered to pay compensation such as restitution of property and payment of damages.

Article 73: Suspension of penalty execution

When the execution of the penalty of a fine or that of imprisonment of three (3) months or less has not yet commenced, it is suspended throughout the investigation of the case until the day the decision of presidential pardon is taken.

During that same period, however, the Minister in charge of justice may at any time order the suspension of the execution of any penalties, whether or not their execution has commenced.

Section 3: Prescription of penalties

Article 74: Definition of prescription of a penalty

The prescription of a penalty is the period beyond which a penalty can no longer be executed.

ceux de la récidive, du sursis en cas d'exécution et de poursuite pour nouvelle infractions et de condamnation à l'indemnisation, tel que la restitution des biens et le paiement de dommages- intérêts.

Article 73: Suspension de l'exécution de la peine

Lorsque l'exécution d'une peine d'amende ou d'un emprisonnement égal ou inférieur à trois (3) mois n'a pas encore commencé, elle est suspendue pour toute la durée de l'instruction du dossier jusqu'au jour où la décision de la grâce présidentielle est prise.

Toutefois, au cours de cette période, le Ministre ayant la justice dans ses attributions peut, à tout temps, ordonner la suspension de l'exécution des peines, tant en ce qui concerne toutes peines non encore exécutées que celles ayant commencé à être exécutées.

Section 3: Prescription des peines

Article 74: Définition de la prescription d'une peine

La prescription d'une peine est le délai au-delà duquel une peine ne peut plus être exécutée.

Ingingo ya 75: Ubusaze bw'igihano cy'igifungo

Igihano cy'igifungo kitageze ku mezi atandatu (6) gisaza mu gihe cy'imyaka ibiri (2).

Igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka itanu (5) gisaza mu gihe cy'imyaka icumi (10).

Igihano cy'igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitari icya burundu gisaza mu gihe cy'imyaka makumyabiri (20).

Igihano cy'igifungo cya burundu ku byaha bisaza, gisaza mu gihe cy'imyaka mironko itatu (30).

Ingingo ya 76: Ubusaze bw'igihano cy'imirimo y'inyungu rusange

Igihano cy'imirimo y'inyungu rusange gisaza mu gihe cy'imyaka icumi (10).

Ingingo ya 77: Ubusaze bw'igihano cy'ihazabu

Igihano cy'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atarenze ibihumbi magana atanu

Article 75: Prescription of the penalty of imprisonment

The penalty of imprisonment of less than six (6) months is subject to prescription after two (2) years have elapsed.

The penalty of imprisonment for a term equal to or more than six (6) months and not more than five years (5) is subject to prescription after ten (10) years have elapsed.

The penalty of imprisonment of more than five (5) years other than the penalty of life imprisonment is subject to prescription after twenty (20) years have elapsed.

The penalty of life imprisonment for prescriptible offences is subject to prescription after thirty (30) years have elapsed.

Article 76: Prescription of the penalty of community service

The penalty of community service is subject to prescription after ten (10) years have elapsed.

Article 77: Prescription of the penalty of a fine

The penalty of a fine not exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW

Article 75: Prescription de la peine d'emprisonnement

La peine d'emprisonnement inférieure à six (6) mois se prescrit par deux (2) ans révolus.

La peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois mais n'excédant pas cinq (5) ans se prescrit par dix (10) ans révolus.

La peine d'emprisonnement supérieure à cinq (5) ans autre que la peine d'emprisonnement à perpétuité se prescrit par vingt (20) ans révolus.

La peine d'emprisonnement à perpétuité pour les infractions prescriptibles, se prescrit par trente (30) ans révolus.

Article 76: Prescription de la peine de travaux d'intérêt général

La peine de travaux d'intérêt général se prescrit par dix (10) ans révolus.

Article 77: Prescription de la peine d'amende

La peine d'amende n'excédant pas cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW)

(500.000 FRW) gisaza mu gihe cy'imyaka ibiri (2), naho igihano cy'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ari hejuru y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) gisaza mu gihe cy'imyaka icumi (10).

Ingingo ya 78: Ubusaze bw'ibihano by'ingereka

Ibihano by'ingereka bisazira rimwe n'ibihano by'iremezo.

Ingingo ya 79: Ibarwa ry'igihe cy'ubusaze bw'ibihano

Ibihe by'ubusaze bw'ibihano bitangira kubarwa ku munsu icyemezo gitanga igihano cyangwa gikuraho isubikagihano cyabaye ndakuka.

Icyakora, iyo uwakatiwe yihungishije irangiza ry'urubanza, ibihe by'ubusaze bibarwa iyo yigaragarije inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inkiko.

Ingingo ya 80: Ikurwaho ry'ibihe by'ubusaze bw'ibihano

Ifatwa cyangwa ifungwa ry'uwakatiwe rikuraho ibihe by'ubusaze bw'ibihano uwakatiwe yari amaze adafunze.

500,000) is subject to prescription after two (2) years have elapsed while that of a fine exceeding five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) is subject to prescription after ten (10) years have elapsed.

Article 78: Prescription of accessory penalties

Accessory penalties are subject to prescription at the same time as principal penalties.

Article 79: Calculation of the period of prescription of penalties

The period of prescription of penalties commences from the day on which the decision imposing the penalty or revoking the suspension of penalty has become final.

However, if the convict has evaded the execution of the penalty, the period of prescription commences when he/she turns himself/herself in to the organs in charge of execution of court decisions.

Article 80: Interruption of the period of prescription of penalties

The arrest or detention of a convict interrupts the period of prescription of

se prescrit par deux (2) ans révolus tandis que celle d'amende supérieure à cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) se prescrit par dix (10) ans révolus.

Article 78: Prescription des peines accessoires

Les peines accessoires se prescrivent en même temps que les peines principales.

Article 79: Calcul du délai de prescription des peines

Les délais de prescription des peines commencent à courir le jour où la décision qui prononce la condamnation ou la révocation d'un sursis est devenue définitive.

Toutefois, si le condamné s'est soustrait à l'exécution de la peine, le calcul du délai de prescription commence à courir lorsqu'il se remet aux organes chargés de l'exécution des décisions judiciaires.

Article 80: Interruption des délais de prescription des peines

L'arrestation ou la détention du condamné entraîne l'interruption des délais de

Ingingo ya 81: Ihagarikwa ry'ibihe by'ubusaze bw'ibihano

Ibihe by'ubusaze bw'igihano bihagarikwa igihe cyose irangizarubanza ridashoboka ku mpamvu zikomoka ku itegeko cyangwa ku nzitizi itigobotorwa.

Ingingo ya 82: Ubusaze bw'ibihano ku byaha bidasaza

Ibihano ku byaha bidasaza, ntibisaza.

INTERURO YA IV: ABAHANWA

UMUTWE WA MBERE: ABANTU KU GITI CYABO

Icyiciro cya mbere: Uburyozwacyaha

Ingingo ya 83: Uburyozwacyaha n'igihe bubaho

Icyaha kiryoza uwagikoze ubwe, uwafatanyije na we kugikora cyangwa icyitso cye.

Umuntu ukora icyaha abishaka ni we uhanwa. Icyakora, iyo itegeko ribiteganya

penalties for which the convict was not detained.

Article 81: Suspension of the period of prescription of penalties

The period of prescription of a penalty is suspended whenever the execution of the judgment is impossible for reasons arising from the law or force majeure.

Article 82: Prescription of penalties for imprescriptible offences

Penalties for imprescriptible offences are not subject to prescription.

TITLE IV: PUNISHABLE PERSONS

CHAPTER ONE: NATURAL PERSONS

Section One: Criminal liability

Article 83: Criminal liability and its occurrence

Criminal liability is incurred by the offender, his/her co-offender or accomplice.

Only a person who intentionally commits an offence is punishable. However, if the

prescription des peines pour lesquels le condamné était libre.

Article 81: Suspension des délais de prescription des peines

Les délais de prescription de la peine sont suspendus toutes les fois que l'exécution du jugement devient impossible pour des raisons découlant de la loi ou de la force majeure.

Article 82: Prescription des peines pour les infractions imprescriptibles

Les peines applicables aux infractions imprescriptibles ne se prescrivent pas.

TITRE IV: PERSONNES PUNISSABLES

CHAPITRE PREMIER: PERSONNES PHYSIQUES

Section première: Responsabilité pénale

Article 83: Responsabilité pénale et sa survenance

La responsabilité pénale est encourue par l'auteur, son coauteur ou son complice.

Est seule punissable la personne qui commet intentionnellement une infraction.

habaho icyaha iyo umuntu yagize ubushishoze buke, ububuraburyo, uburangare, umwete muke cyangwa ubundi buteshuke.

Ingingo ya 84: Ihanwa ry'umufatanyacyaha n'iry'icyitso

Umufatanyacyaha ahanwa nk'uwakoze icyaha.

Icyitso ntigihanwa kimwe n'uwakoze icyaha keretse igihe:

1° itegeko ribiteganya ukundi;

2° umucamanza abona ko uruhare rw'icyitso mu gukora icyaha rungana cyangwa ruruta urw'uwakoze icyaha.

Icyitso gishobora gukurikiranwa n'ubwo icyaha kitashoboye gukurikiranwa ku wagikoze kubera impamvu zimureba ku giti cye nk'urupfu, uburwayi bwo mu mutwe cyangwa kutamenyekana.

Icyakora, iyo abantu bavugwa mu gace ka 5 d), aka 5 e) n'aka 5 f) tw'ingingo ya 2 y'iri tegeko ari uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4) bashobora gusonerwa n'urukiko ibihano bigenewe icyitso.

law so provides, a person commits an offence as a result of his/her recklessness, clumsiness, negligence or any other form of carelessness.

Article 84: Punishment of a co-offender and an accomplice

The co-offender incurs the same penalties as the offender.

The accomplice does not incur the same penalties as the offender except where:

1° the law provides otherwise;

2° the judge, in his/her discretion, finds that the accomplice's responsibility in the commission of the offence is the same as or greater than that of the principal offender.

The accomplice may be prosecuted even if the criminal action cannot be instituted against the offender due to reasons particularly specific to the offender such as death, insanity or his/her being unidentified.

However, when a person referred to in items 5 d), 5 e) and 5 f) of Article 2 of this Law is the offender's spouse or relative up to the fourth (4th) degree, the court may exempt him/her from the penalties prescribed for the accomplice.

Toutefois, lorsque la loi le prévoit, une personne commet une infraction par imprudence, maladresse, négligence ou toute autre forme d'inattention.

Article 84: Répression d'un coauteur et d'un complice

Un coauteur est passible des mêmes peines que l'auteur.

Un complice n'est pas passible des mêmes peines que l'auteur sauf :

1° dans le cas où la loi en dispose autrement;

2° lorsque, d'après l'appréciation du juge, la responsabilité du complice dans la commission de l'infraction est la même ou dépasse celle de l'auteur principal.

Le complice peut être poursuivi même si l'action publique ne peut pas être exercée contre l'auteur pour des causes qui sont personnelles à celui-ci, telles que la mort, la démence ou la non-identification.

Toutefois, lorsque une personne visée aux points 5 d), 5 e) et 5 f) de l'article 2 de la présente loi est l'épouse de l'auteur de l'infraction ou a un lien de parenté avec ce dernier jusqu'au quatrième (4^{ème}) degré, la juridiction peut décider de ne pas la punir comme complice.

<u>Ingingo ya 85: Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha</u>	<u>Article 85: Grounds for non-criminal liability</u>	<u>Article 85: Causes de non-responsabilité pénale</u>
Nta buryozwacyaha bubaho iyo:	There is no criminal liability if:	Il n'y a pas de responsabilité pénale si:
1° ushinjwa ari umwana utarageza ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko;	1° the accused is a child under the age of fourteen (14) years;	1° le prévenu est un enfant âgé de moins de quatorze (14) ans;
2° ushinjwa yari afite uburwayi bwo mu mutwe mu gihe yakoraga icyaha;	2° the accused was insane during the commission of the offence;	2° le prévenu était en état de démence au moment de la commission de l'infraction;
Uwitesheje ubwenge yabishatse mu gihe cyo gukora icyaha ariyozwa icyaha yakoze n'ubwo yaba yaritesheje ubwenge atagambiriye gukora icyaha.	A person who deliberately deprives himself/herself of mental faculties during the commission of an offence is criminally liable, even if such deprivation was not intended to commit an offence.	Celui qui s'est volontairement privé de l'usage de ses facultés mentales au moment de la commission de l'infraction, demeure pénalement responsable, même s'il s'en serait privé sans intention de commettre l'infraction.
<u>Ingingo ya 86: Impamvu zikuraho uburyozwacyaha</u>	<u>Article 86: Grounds for exemption from criminal liability</u>	<u>Article 86: Causes exonératoires de la responsabilité pénale</u>
Impamvu zikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku wakoze icyaha zibaho iyo:	Grounds for exemption from criminal liability that are inherent to the offender are admitted if :	Les causes exonératoires de la responsabilité pénale qui sont attachées à l'auteur sont admises si :
1° umuntu yakoreshejwe icyaha ku ngufu cyangwa ku gahato atashoboraga kwigobotora;	1° a person commits an offence under the effect of a force or under duress to such an extent that he/she cannot resist;	1° une personne commet une infraction sous l'emprise d'une force ou d'une contrainte à laquelle elle ne pouvait résister;
2° umuntu akoze igikorwa ategetswe n'umuyobozi wemewe n'amategeko, uretse igihe icyo gikorwa bigaragara ko kinyuranye n'amategeko;	2° a person commits an act under orders of a legitimate authority, unless such an act is evidently unlawful;	2° une personne accomplit un acte commandé par l'autorité légitime, sauf si cet acte est manifestement illégal ;

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

3° umuntu ukoze icyaha kubera kwibeshya bidashidikanywaho haba ku ngingo y'itegeko cyangwa ku gikorwa iyo uko kwibeshya gukuraho burundu ubushake bwo gukora icyaha;	3° a person commits an offence as a result of an error of law or an error of fact if such an error entirely removes the intention to commit an offence;	3° une personne commet une infraction suite à une erreur de fait ou de droit si cette erreur omet entièrement l'intention de commettre une infraction.
Impamvu zikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku gikorwa zibaho iyo:	Grounds for exemption from criminal liability that are inherent to the act are admitted if :	Les causes d'exonération de la responsabilité pénale qui sont attachées à l'acte sont admises si:
1° umuntu yitabara mu bihe bikurikira:	1° a person acts in self-defence in the following cases:	1° une personne agit en état de légitime défense dans les cas suivants:
a) yirukana uwinjiye ahantu hatuwe aciye icyuho, yakoresheje ingufu cyangwa uburiganya;	a) fending off a person who breaks into or enters by force or trickery an inhabited place;	a) repousser quelqu'un qui entre par effraction, violence ou ruse dans un lieu habité;
b) ahanganye n'abajura cyangwa abandi bagizi ba nabi;	b) defends himself/herself against thieves or other wrongdoers;	b) se défendre contre les voleurs ou d'autres malfaiteurs;
2° umuntu akoze ibi bikurikira:	2° a person commits the following acts:	2° une personne accomplit les actes suivants:
a) igikorwa cyo kwirwanaho yugarijwe n'amakuba;	a) an act of self-defence in case of danger;	a) acte de légitime défense en cas de danger;
b) igikorwa cyo kurwana ku wundi muntu wugarijwe n'amakuba;	b) an act of defending another person in danger;	b) acte de défense en faveur d'une autre personne en danger;
c) igikorwa cyo guhagarika icyaha cyo konona umutungo awurwanaho.	c) an act committed to interrupt the commission of an offence of damage to property in order to protect the property.	c) acte accompli pour interrompre la commission d'une infraction d'endommagement d'un bien en vue de le protéger.
Kugira ngo hakurweho uburyozwacyaha, kubera impamvu zivugwa mu gika cya 2	The exemption of criminal liability due to the grounds referred to under Paragraph 2	L'exonération de la responsabilité pénale basée sur les causes visées à l'alinéa 2 du

cy'iyi ngingo, uwakoze icyaha agomba kuba yakoresheje uburyo butarenze kure uburemere bwo kwitabara cyangwa ubw'amakuba yari amwugarije cyangwa yari yugarije undi muntu yarwanagaho cyangwa bwo guhagarika konona umutungo yarwanagaho.

Ingingo ya 87: Inkurikizi z'impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha n'izikuraho uburyozwacyaha

Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha n'izikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku wakoze icyaha ubwe ntizikurikizwa ku bafatanyije na we kugikora cyangwa ku byitso bye. Izo mpamvu ntizibuza kandi, iyo bibaye ngombwa, ko habaho uburyozwe bw'indishyi.

Ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ntibikurikizwa igihe habayeho impamvu zikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku gikorwa.

of this Article is only admitted if the means used by the offender to ensure self-defence or protect himself/herself or another person from danger or interrupt damage to the property he/she protected are proportional to the gravity of the threat.

Article 87: Effects of grounds of non-criminal liability and grounds for exemption of liability

The grounds for non-criminal liability and grounds for exemption from criminal liability that are inherent to the offender do not apply with respect to his/her co-offenders or accomplices. Nor do such grounds entail exemption from civil liability, if necessary.

The provisions of Paragraph One and 2 of this Article do not apply in case of existence of grounds for exemption related to the act.

présent article, a lieu si les moyens employés par l'auteur de l'infraction pour assurer sa légitime défense ou se protéger ou protéger autrui contre le danger ou interrompre l'endommagement du bien qu'il protégeait sont proportionnels à la gravité du menace.

Article 87: Effets des causes de non responsabilité pénale et exonératoires de la responsabilité pénale

Les causes de non responsabilité pénale et les causes exonératoires de la responsabilité pénale attachées à l'auteur de l'infraction n'ont pas d'effet à l'égard de ses coauteurs ou complices. Lesdites causes n'impliquent pas non plus l'exemption de la responsabilité civile, si nécessaire.

Les dispositions de l'alinéa premier et 2 du présent article ne sont pas d'application en cas d'existence de causes exonératoires liées au fait.

UMUTWE WA II: INZEGO ZA LETA, AMASOSIYETE, AMAKOPERATIVE, IBIGO BYA LETA CYANGWA BYIGENGA CYANGWA IMIRYANGO ITARI IYA LETA BIFITE UBUZIMAGATOZI

Ingingo ya 88: Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta cyangwa imiryango ifite ubuzimagatozi

Inzego za Leta, amasosiyete, amakoperative, ibigo bya Leta cyangwa byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi biryozwa ibyaha byakozwe mu izina ryabyo n'inzego zabyo cyangwa ababihagarariye.

Ubwo buryozwacyaha bubaho iyo ababikoze bari bashingiye kuri ibi bikurikira:

- 1° ububasha bwo kubihagararira;
- 2° ububasha bwo gufata ibyemezo;
- 3° ububasha bwo kugenzura.

Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, amakoperative, ibigo bya Leta cyangwa byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi ntibukuraho uburyozwacyaha bw'ababihagarariye, abari mu nzego

CHAPTER II: PUBLIC INSTITUTIONS, COMPANIES, COOPERATIVES, PUBLIC OR PRIVATE ENTITIES OR ORGANIZATIONS WITH LEGAL PERSONALITY

Article 88: Criminal liability of public institutions or organizations with legal personality

Public institutions, companies, cooperatives, public or private entities or organizations with legal personality are held liable for offences committed on their behalf by their organs or representatives.

The criminal liability is established when the offenders have acted by virtue of the following:

- 1° power of representation;
- 2° decision-making power;
- 3° power of supervision.

The criminal liability of public institutions, companies, cooperatives, public or private entities or organizations with legal personality does not exclude the criminal liability of their representatives, those who

CHAPITRE II: INSTITUTIONS DE L'ÉTAT, SOCIÉTÉS, COOPÉRATIVES, ENTITÉS OU ORGANISATIONS DE DROIT PUBLIC OU PRIVÉ DOTÉES DE LA PERSONNALITÉ JURIDIQUE

Article 88: Responsabilité pénale des institutions de l'État ou des organisations dotées de la personnalité juridique

Les institutions de l'État, les sociétés, les coopératives, les entités ou les organisations de droit public ou privé dotées de la personnalité juridique sont tenus pour responsables des infractions commises en leur nom par leurs organes ou représentants.

La responsabilité pénale est établie lorsque les auteurs ont agi en vertu de ce qui suit :

- 1° le pouvoir de représentation;
- 2° le pouvoir de prise de décisions;
- 3° le pouvoir de contrôle.

La responsabilité pénale des institutions de l'État, des sociétés, des coopératives, des entités ou des organisations de droit public ou privé dotées de la personnalité juridique n'exclut pas la poursuite pénale de leurs représentants, celle des personnes qui

z'ubuyobozi bwabyo cyangwa ubw'abafatanyacyaha n'ubw'ibytso byabo kuri icyo cyaha.

Ingingo ya 89: Itangwa ry'ibihano bihabwa inzego za Leta cyangwa imiryango ifite ubuzimagatozi

Mu gihe habaye uburyozwacyaha bw'inzezo za Leta, amasosiyete, amakoperative, ibigo bya Leta cyangwa byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi, urukiko rushobora gutanga igihano kimwe cyangwa byinshi mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 25 y'iri tegeko, bitewe n'icyaha cyakozwe.

Ingingo ya 90: Itangwa ry'igihano cyo gushyirwa ku bugenzurwe bw'ubucamanza

Icyemezo cy'urukiko cyo gushyira ku bugenzurwe bw'ubucamanza isosiyete, koperative, ikigo cyangwa umuryango bitari ibya Leta bifite ubuzimagatozi gishyiraho n'intumwa ibihagararira, yishyurwa na byo, urukiko rukanayigenera inshingano. Izo nshingano zirebana gusa n'ibikorwa byari icyaha cyangwa byatumye habaho icyaha.

Ashingiye kuri raporo y'intumwa ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo,

hold leadership posts within them or their co-offenders and accomplices.

Article 89: Imposition of penalties on public institutions or organizations with legal personality

In the event of criminal liability of public institutions, companies, cooperatives, public or private entities or organizations with legal personality, the court may impose one or more of the penalties provided under Article 25 of this Law depending on the offence committed.

Article 90: Imposition of the penalty of placement under judicial supervision

A court decision ordering placement of a company, a cooperative, a private entity or organization with legal personality under judicial supervision involves appointing a representative at their own expense and the representative's responsibility is specified by the court. Such responsibilities only cover acts that constituted the offence or those having given rise to the commission of the offence.

Basing on the report of the representative referred to under Paragraph One of this

occupent les postes de responsabilité en leur sein ou celle de leurs coauteurs et complices.

Article 89: Imposition des peines à l'encontre des institutions de l'État ou des organisations dotées de la personnalité juridique

En cas de responsabilité pénale des institutions de l'État, des sociétés, des coopératives, des entités ou des organisations de droit public ou privé dotées de la personnalité juridique, la juridiction peut appliquer une ou plusieurs des peines prévues à l'article 25 de la présente loi, selon l'infraction commise.

Article 90: Imposition de la peine de mise sous surveillance judiciaire

Une décision judiciaire de placement sous surveillance judiciaire d'une société, d'une coopérative, d'une entité ou d'une organisation de droit privé dotées de la personnalité juridique comporte également la désignation d'un mandataire à leurs frais dont les fonctions sont déterminées par la juridiction. Ces fonctions ne portent que sur les actes qui constituaient une infraction ou qui ont donné lieu à sa commission.

Sur base du rapport du mandataire visé à l'alinéa premier du présent article, le juge

umucamanza ashobora gutanga ikindi gihano cyangwa agahagarika igihano cyari cyaratanzwe cyo gushyira mu bugenzurwe bw'ubucamanza, abisabwe n'Ubushinjacyaha.

IGICE CYA II: IBYAHA N'IBIHANO BYABYO

INTERURO YA MBERE: IBYAHA BIKORERWA ABANTU

UMUTWE WA MBERE: IBYAHA BYA JENOSIDE, IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU N'IBYAHA BY'INTAMBARA

Icyiciro cya mbere: Icyaha cya Jenocide n'ibihano byacyo

Ingingo ya 91: Igisobanuro cy'icyaha cya Jenocide

Icyaha cya Jenocide ni kimwe mu bikorwa bikurikira, gikozwe kigambiriwe, kigamije kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo, bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku ibara ry'uruhu cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara:

1° kwica abo bantu;

2° kubatera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe;

Article, the judge may either pronounce a new penalty or suspend the penalty of judicial supervision previously pronounced at the request of the prosecution.

PART II: OFFENCES AND THEIR PENALTIES

TITLE ONE: OFFENCES AGAINST PERSONS

CHAPTER ONE: CRIMES OF GENOCIDE, CRIMES AGAINST HUMANITY AND WAR CRIMES

Section One: Crime of genocide and its penalties

Article 91: Definition of crime of genocide

The crime of genocide is any of the following acts committed with intent to destroy, in whole or in part, a national, ethnic, racial or religious group as such, whether in time of peace or in time of war:

1° killing members of the group;

2° causing serious bodily or mental harm to members of the group;

peut, soit prononcer une nouvelle peine, soit suspendre celle de la surveillance judiciaire antérieurement prononcée sur demande de la poursuite judiciaire.

PARTIE II: INFRACTIONS ET LEURS PEINES

TITRE PREMIER: INFRACTIONS CONTRE LES PERSONNES

CHAPITRE PREMIER: CRIME DE GÉNOCIDE, CRIMES CONTRE L'HUMANITÉ ET CRIMES DE GUERRE

Section première: Crime de génocide et ses peines

Article 91: Définition du crime de génocide

Le crime de génocide est l'un des actes ci-après commis dans l'intention de détruire, en tout ou en partie, un groupe national, ethnique, racial ou religieux comme tel, que ce soit en temps de paix ou en temps de guerre:

1° meurtre de membres du groupe;

2° atteinte grave à l'intégrité physique ou mentale des membres du groupe;

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|--|--|---|
| 3° kubashyira, ubigambiriye, mu mibereho ishobora gutuma barimbuka bese cyangwa harimbuka igice cyabo; | 3° deliberately inflicting on the group conditions of life calculated to bring about its physical destruction in whole or in part; | 3° soumission intentionnelle du groupe à des conditions d'existence devant entraîner sa destruction physique totale ou partielle; |
| 4° gufata ibyemezo bibabuza kubyara; | 4° imposing measures intended to prevent births within the group; | 4° prise de mesures visant à entraver les naissances au sein du groupe; |
| 5° kubambura ku ngufu urubyaro rwabo ukaruha abandi bantu badahuje. | 5° forcibly transferring children of the group to another group. | 5° transfert forcé d'enfants du groupe à un autre groupe. |

Ingingo ya 92: Ihanwa ry'icyaha cya Jenocide

Umuntu wese ukoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 91 y'iri tegeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

Article 92: Punishment of the crime of genocide

Any person who commits any of the acts referred to under Article 91 of this Law commits an offense. Upon conviction, he/she is liable to the penalty of life imprisonment that cannot be mitigated by any circumstances.

Article 92: Répression du crime de génocide

Toute personne qui commet l'un quelconque des actes visés à l'article 91 de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité qui ne peut être réduite par aucune circonstance atténuante.

Ingingo ya 93: Ibindi bikorwa bihanwa nk'icyaha cya Jenocide

Bitabangamiye ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri tegeko ku byerekeye ubwinjiracyaha, gucura umugambi wo gukora icyaha n'ubufatanyacyaha, ibikorwa bikurikira bihanishwa ibihano biteganyirijwe icyaha cya Jenocide:

Article 93: Other acts punished as the crime of genocide

Without prejudice to other provisions of this Law in relation to attempt, conspiracy and complicity, the following acts are punishable by the penalties stipulated for the crime of genocide:

Article 93: Autres actes réprimés comme le crime de génocide

Sans préjudice des autres dispositions de la présente loi relatives à la tentative, conspiration et à la participation criminelle, les actes ci-après sont punissables des peines prévues pour le crime de génocide:

- | | | |
|--|-----------------------------------|---------------------------------|
| 1° gucura umugambi wo gukora Jenocide; | 1° conspiracy to commit genocide; | 1° conspiration pour génocide ; |
| 2° gutegura Jenocide; | 2° planning of the genocide; | 2° planification du génocide ; |

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|--|--|---|
| 3° gushishikariza ku buryo buziguye cyangwa ku buryo butaziguye abantu gukora Jenocide ; | 3° direct or indirect incitement to commit genocide; | 3° incitation de façon directe ou indirecte à commettre le génocide ; |
| 4° kugerageza gukora Jenocide ; | 4° attempt to commit genocide; | 4° tentative de génocide ; |
| 5° ubufatanyacyaha muri Jenocide. | 5° complicity in genocide. | 5° complicité de génocide. |

Icyiciro cya 2: Ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibihano byabyo

Section 2: Crimes against humanity and their penalties

Section 2: Crimes contre l'humanité et leurs peines

Ingingo ya 94: Igisobanuro cy'icyaha cyibasiye inyokomuntu

Article 94: Definition of the crime against humanity

Article 94: Définition du crime contre l'humanité

Icyaha cyibasiye inyokomuntu ni kimwe mu bikorwa bikurikira gikozwe mu bitero rusange cyangwa bya simusiga byibasiye abatwaga batari abasirikare:

The crime against humanity is any of the following acts committed as part of a widespread or systematic attack directed against any civilian population:

Le crime contre l'humanité s'entend de l'un des actes ci-après commis dans le cadre d'une attaque généralisée ou systématique dirigée contre une population civile:

- | | | |
|--|---|--|
| 1° kwica; | 1° murder; | 1° meurtre; |
| 2° kurimbura; | 2° extermination; | 2° extermination; |
| 3° gushyira mu bucakara; | 3° enslavement; | 3° réduction en esclavage; |
| 4° gutwara bunyago cyangwa kubimura ku ngufu aho bari batuye; | 4° deportation or forcible transfer of population; | 4° déportation ou transfert forcé de population; |
| 5° gufunga umuntu cyangwa kumwambura uburenganzira bwe bwo kujya aho ashaka mu buryo bunyuranyije n'amategeko; | 5° imprisonment or other severe deprivation of physical liberty against a person in violation of law; | 5° emprisonnement d'une personne ou privation grave de sa liberté de mouvement en violation de la loi; |
| 6° kwica urubozo; | 6° torture; | 6° torture; |

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|--|---|--|
| <p>7° gusambanya ku gahato, ubucakara bushingiye ku gitsina, gukoresha uburaya ku gahato, guhagarika urubyaro ku gahato cyangwa ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cy'ihohotera rishingiye ku gitsina risa n'ibimaze kuvugwa;</p> | <p>7° rape, sexual slavery, enforced prostitution, enforced sterilization, or any other form of sexual violence of comparable gravity;</p> | <p>7° viol, esclavage sexuel, prostitution forcée, stérilisation forcée et toute autre forme de violence sexuelle de gravité comparable;</p> |
| <p>8° gutoteza umuntu umuziza ibitekerezo bye bya politiki, ubwoko, idini cyangwa se ushingiyeye ku rindi vangura iryo ari ryo ryose;</p> | <p>8° persecution against a person on political, ethnic, religious grounds or any other form of discrimination;</p> | <p>8° persécution d'une personne en raison de son appartenance politique, ethnique, religieuse ou en raison de toute autre forme de discrimination;</p> |
| <p>9° kurigisa abantu;</p> | <p>9° enforced disappearance of persons;</p> | <p>9° disparitions forcées des personnes;</p> |
| <p>10° ivangura rishingiye ku ibara ry'uruhu;</p> | <p>10° the crime of apartheid;</p> | <p>10° crime d'apartheid;</p> |
| <p>11° ibindi bikorwa birenze kamere-muntu bisa n'ibimaze kuvugwa bikozwe ku bushake bigamije kubabaza cyangwa kwangiza bikabije umubiri cyangwa ubwenge.</p> | <p>11° other inhumane acts of a similar character intentionally causing great suffering or serious injury to mental or physical health.</p> | <p>11° autres actes inhumains de caractère analogue causant intentionnellement de grandes souffrances ou des atteintes graves à l'intégrité physique ou mentale.</p> |

Ingingo ya 95: Ihanwa ry'icyaha cyibasiye inyokomuntu

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gace ka 1°, aka 2°, aka 3°, aka 6°, aka 7°, aka 9° n'aka 11° tw'ingingo ya 94 y'iri tegeko, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu.

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gace ka 4°, aka 5°, aka 8° n'aka 10° tw'ingingo ya 94 y'iri tegeko, ahanishwa igifungo kitari

Article 95: Punishment for the crime against humanity

Any person convicted of one of the acts referred to in items 1°, 2°, 3°, 6°, 7°, 9° and 11° of Article 94 of this Law is liable to the penalty of life imprisonment.

Any person convicted of any of the acts referred to in items 4°, 5°, 8° and 10° of Article 94 of this Law is liable to the penalty of imprisonment for a term not less

Article 95: Répression du crime contre l'humanité

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes visés aux points 1°, 2°, 3°, 6°, 7°, 9° et 11° de l'article 94 de la présente loi est passible de la peine d'emprisonnement à perpétuité.

Toute personne reconnue coupable de l'un quelconque des actes visés aux points 4°, 5°, 8° et 10° de l'article 94 de la présente loi est passible de la peine d'emprisonnement

munsi y'inyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Iyo ibikorwa bigize icyaha cyibasiye inyokomuntu, bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, byakozwe biherekejwe n'agashinyaguro, igihano kiba igifungo cya burundu.

Icyiciro cya 3: Ibyaha by'intambara n'ibihano byabyo

Ingingo ya 96: Igisobanuro cy'icyaha cy'intambara

Icyaha cy'intambara ni igikorwa icyo ari cyo cyose mu bikorwa bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwari gikorewe abantu cyangwa umutungo, birengerwa n'Amasezerano Mpuzamahanga y'i Genève yo ku wa 12 Kanama 1949 n'amasezerano y'inyongera, aya I n'aya II, yo ku wa 8 Kamena 1977 n'aya III yo ku wa 8 Ukuboza 2005:

- 1° kwica umuntu ubishaka;
- 2° kwica umuntu urubozo cyangwa kumufata nabi birenze kamere muntu, harimo kumukoreraho ubushakashatsi;
- 3° kubabaza cyane ku bushake cyangwa kubangamira bikomeye ubusugire bw'umubiri n'ubuzima;

than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years.

When the acts constituting the crime against humanity provided under Paragraph 2 of this Article are accompanied by inhumane and degrading treatments, the penalty is life imprisonment.

Section 3: War crimes and their penalties

Article 96: Definition of a war crime

A war crime is any of the following acts committed during armed conflict and directed against persons or property protected under the provisions of the Geneva Conventions of 12 August 1949 and their additional Protocols I and II of 8 June 1977 and Protocol III of 8 December 2005:

- 1° wilful killing;
- 2° torture or inhuman treatment, including biological experiments;
- 3° wilfully causing great suffering or serious injury to body or health;

d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

Lorsque les actes constitutifs du crime contre l'humanité prévus à l'alinéa 2 du présent article ont été accompagnés de traitements inhumains et dégradants, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.

Section 3: Crimes de guerre et leurs peines

Article 96: Définition du crime de guerre

Le crime de guerre s'entend de l'un des actes suivants commis dans les conflits armés dirigé contre des personnes ou des biens protégés aux termes des dispositions des Conventions de Genève du 12 août 1949 et de leurs protocoles additionnels I et II du 8 juin 1977 protocole additionnel III du 8 décembre 2005:

- 1° l'homicide intentionnel;
- 2° la torture ou les traitements inhumains, y compris les expériences biologiques;
- 3° le fait de causer intentionnellement de grandes souffrances ou de porter des

atteintes graves à l'intégrité physique ou à la santé;

- | | | |
|---|---|--|
| <p>4° gusenya no kwigabiza ibintu by'abantu bidashingiye ku mpamvu za gisirikari kandi bikorewe ahantu hanini ku buryo bunyuranyije n'amategeko kandi burenganya, nk'amazu yagenewe amadini, ay'abagiraneza cyangwa ay'inyigisho, inyubako ndangamateka z'ibikorwa by'ubugeni n'ibikorwa by'ubumenyi;</p> | <p>4° extensive destruction and appropriation of property, not justified by military necessity and carried out unlawfully and wantonly such as buildings dedicated to religion, charity or education, historical buildings dedicated to works of art and science;</p> | <p>4° la destruction et l'appropriation de biens non justifiées par des nécessités militaires et exécutées sur une grande échelle de façon illicite et arbitraire, tels que les édifices consacrés à la religion, à la bienfaisance ou à l'enseignement, les édifices historiques consacrés à des œuvres d'art et à des œuvres à caractère scientifique;</p> |
| <p>5° gutegeka imfungwa y'intambara cyangwa umusiviri kurwanirira ingabo z'umwanzi, kuzikorera mu biro by'iperereza cyangwa mu butegetsi;</p> | <p>5° compelling a prisoner of war or other protected person to serve in the forces of a hostile power, in its intelligence or administrative services;</p> | <p>5° le fait de contraindre un prisonnier de guerre ou toute autre personne protégée à servir dans les forces armées de la puissance ennemie, dans ses services de renseignements ou d'administration;</p> |
| <p>6° kubuza ku bushake imfungwa y'intambara, yaba umusirikari cyangwa umusiviri, uburenganzira bwe bwo kuburanishirizwa igihe kandi mu mucyo;</p> | <p>6° wilfully depriving a prisoner of war or other protected person of the right to regular and fair trial;</p> | <p>6° le fait de priver intentionnellement un prisonnier de guerre ou toute autre personne protégée de son droit d'être jugé régulièrement et impartialement;</p> |
| <p>7° gutwara ku gahato, kwimura abaturage b'abasiviri cyangwa kubohereza no kubafungira mu bigo by'imbohe cyangwa ibigo bikorerwamo imirimo y'uburetwa;</p> | <p>7° forced deportation, displacement of the civilian population or their transfer to or systematic detention in concentration or forced labour camps;</p> | <p>7° la déportation forcée, le déplacement de la population civile ou le transfert ou sa détention systématique dans des camps de concentration ou de travail forcé;</p> |
| <p>8° gufata abantu bunyago no kubashyiraho iterabwoba;</p> | <p>8° taking of hostages and subjecting them to terrorist acts;</p> | <p>8° la prise d'otages des personnes et leur soumission aux actes de terrorisme;</p> |
| <p>9° kugaba igitero ku baturage b'abasiviri cyangwa ku mitungo yabo, uzi neza ko bazakigwamo, bazahakomerekera cyangwa imitungo yabo ikangirika ku buryo bukabije</p> | <p>9° intentionally launching an attack against the civilian population or their property in the knowledge that such attack will cause incidental loss of life, injury to civilians or</p> | <p>9° le fait de lancer une attaque contre la population civile ou contre ses biens, sachant qu'une telle attaque causera des pertes en vies humaines, des blessés ou de</p> |

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

ugereranyije n'inyungu yari iteganyijwe ku rwego rwa gisirikari;	severe damage to civilian properties and which would be excessive in relation to the military advantage anticipated;	graves dommages à leurs biens, jugés excessifs par rapport à l'avantage militaire attendu;
10° gukoresha mu buriganya ibimenyetso biranga imiryango itabara imbabare cyangwa ibindi bimenyetso birengera abantu cyangwa ibintu byemewe n'amategeko mpuzamahanga kugira ngo wice, ukomeretse cyangwa ufate uwo murwana;	10° perfidiously using emblems and distinctive signs of humanitarian organizations or other protective signs of persons or objects recognized by International Law, with intention of killing, injuring or capturing the adversary;	10° le fait d'utiliser perfidement les emblèmes et signes distinctifs des organisations humanitaires ou d'autres signes protecteurs des personnes ou des biens reconnus par le droit international, en vue de tuer, blesser ou capturer un adversaire;
11° kugaba igitero, ku buryo ubwo ari bwo bwose, mu turere tutarinzwe cyangwa tutagomba kurangwamo intambara ku buryo buzwi;	11° attacking by whatever means, non-defended localities or demilitarized zones which are duly recognized;	11° le fait de soumettre à une attaque, par quelque moyen que ce soit, des localités non défendues ou des zones démilitarisées dûment agréées;
12° ivangura rishingiye ku ibara ry'uruhu n'indi mikorere irenze kamere muntu kandi itesha umuntu icyubahiro ishingiyeye ku ivangura ry'amoko bibangamiye icyubahiro cye;	12° practices of apartheid and other inhuman and degrading practices, based on racial discrimination, which give rise to outrages on human dignity;	12° les pratiques de l'apartheid et les autres pratiques inhumaines et dégradantes, fondées sur la discrimination raciale, qui donnent lieu à des atteintes à la dignité de la personne;
13° kwimurira abaturage cyangwa bamwe muri bo ahafashwe n'uruhande rumwe mu barwana, kubimurira ku butaka bwafashwe cyangwa inyuma yabwo ku ngufu kandi bitari mu nyungu z'abaturage;	13° transfer of the population or its part into the territory occupied by a party to the conflict, its deportation within or outside the occupied territory while this is not in the interests of the population;	13° le transfert de la population ou de sa partie dans le territoire occupé par une partie au conflit, sa déportation à l'intérieur ou hors du territoire occupé alors que cela n'est pas dans l'intérêt de la population;
14° gutinda uko ari ko kose kudasobanutse mu gucyura imfungwa z'intambara cyangwa z'abasiviri nyuma y'irangira ry'imirwano;	14° any unjustifiable delay in the repatriation of war prisoners or civilian internees, after the end of active hostilities;	14° tout retard injustifié dans le rapatriement des prisonniers de guerre ou des internés civils, après la fin des hostilités actives;

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

15° guhanisha umuntu igihano no kukirangiza hatabanje kubaho urubanza rwaciwe n'urukiko rubifitiye ububasha kandi hatubahirijwe uburenganzira bwe;	15° passing of sentences and carrying out of executions without previous judgment pronounced by a regularly constituted court and without respecting the rights of the accused;	15° les condamnations prononcées et les exécutions effectuées sans qu'il y ait un jugement préalable rendu par un tribunal compétent, et sans respecter les droits de l'accusé;
16° kwica cyangwa gukomeretsa umuntu uzi neza ko atari mu mirwano cyangwa mu gihe yarwanaga yashyize intwara hasi cyangwa atagifite uburyo bwo kwirengera.	16° intentionally killing or injuring a person in the knowledge that he/she is not party to hostilities, or when he/she was fighting but that he/she had laid down his/her arms or can no longer defend himself/herself.	16° le fait de tuer ou de blesser une personne sachant qu'elle n'est pas partie aux hostilités ou lorsqu'elle combattait qu'elle a déposé des armes ou n'a plus les moyens de se défendre.
<u>Ingingo ya 97: Abantu barengerwa n'Amasezerano y'i Jeneve</u>	<u>Article 97: Persons protected under the Geneva Conventions</u>	<u>Article 97: Personnes protégées par les Conventions de Genève</u>
Abantu barengerwa n'Amasezerano y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949 n'amasezerano y'inyongera, aya I n'aya II, yo ku wa 8 Kamena 1977 ni aba bakurikira:	Persons protected under the Geneva Conventions of August 12, 1949 and their additional protocols I and II of 8 June 1977 are the following:	Les personnes protégées par les Conventions de Genève du 12 août 1949 et leurs protocoles additionnels I et II du 8 juin 1977 sont les suivantes:
1° abaturage b'abasiviri;	1° the civilian population;	1° la population civile;
2° abasiviri baherereye mu bice by'abarwana;	2° civilians under the power of belligerent parties;	2° les civils sous le pouvoir des parties adverses;
3° inkomere, abarwayi, abari mu ngorane zo kurohama b'abasiviri cyangwa abasirikari;	3° the wounded, sick, shipwrecked civilians or soldiers;	3° les blessés, les malades et les naufragés civils ou militaires;
4° abanyamadini, abavuzi n'abakozi b'ibitara batari mu mirwano;	4° members of religious, medical and hospital personnel not directly involved in hostilities;	4° les membres du personnel religieux, médical et hospitalier, non engagés directement dans les hostilités;
5° imfungwa z'intambara n'abasiviri bafunguwe ahanu;	5° war prisoners and civilian internees;	5° les prisonniers de guerre et internés civils;

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

6° abasiviri n'abasirikari bafungiye impamvu zifitanye isano n'intambara;	6° civilians and soldiers who have been deprived of their liberty for reasons related to the armed conflict;	6° les civils et militaires privés de liberté pour des motifs liés au conflit armé;
7° abasirikari batakiri mu mirwano ku mpamvu iyo ari yo yose.	7° soldiers who are no longer able to fight for whatever reason.	7° les militaires mis hors de combat quelle qu'en soit la cause.
Abasiviri bitwara gisirikare ntibarebwa n'iyi ngingo.	Civilians behaving as soldiers are not protected under this Article.	Les civils qui se comportent comme des militaires ne sont pas protégés par le présent article.
<u>Ingingo ya 98: Ihanwa ry'ibyaha by'intambara</u>	<u>Article 98: Punishment for war crimes</u>	<u>Article 98: Répression des crimes de guerre</u>
Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 96 y'iri tegeko, ahanwa ku buryo bukurikira:	Any person convicted of any of the acts referred to under Article 96 of this Law is liable to the following penalties:	Toute personne reconnu coupable de l'un des actes prévus à l'article 96 de la présente loi est passible des peines suivantes:
1° igifungo cya burundu iyo yakoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu gace ka 1°, aka 2°, aka 3°, aka 9°, aka 11° n'aka 16°;	1° life imprisonment if he/she commits any of the acts referred to under items 1°, 2°, 3°, 9°, 11° and 16°;	1° un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des actes visés aux points 1°, 2°, 3°, 9°, 11° et 16°;
2° igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) iyo yakoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu gace ka 6°, aka 7°, aka 8°, aka 10° n'aka 12°;	2° imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years, if he/she commits any of the acts referred to under items 6°, 7°, 8°, 10° and 12°;	2° un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans si elle a commis l'un quelconque des actes visés aux points 6°, 7°, 8°, 10° et 12°;
3° igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10) iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 4°, aka 5°, aka 13°, aka 14° n'aka 15°.	3° imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than ten (10) years, if he/she commits any of the crimes referred to under items 4°, 5°, 13°, 14° and 15°.	3° un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas dix (10) ans si elle a commis l'un quelconque des crimes visés aux points 4°, 5°, 13°, 14° et 15°.

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

<u>Ingingo ya 99: Ibindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara</u>	<u>Article 99: Other acts characterized as war crimes</u>	<u>Article 99: Autres actes qualifiés de crimes de guerre</u>
Igikorwa cyose mu bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwaro cyitwa kandi icyaha cy'intambara:	Any of the following acts committed in armed conflicts is a war crime:	Le crime de guerre s'entend également de l'un des actes ci-après commis dans les conflits armés:
1° gukoresha intwaro z'ubumara cyangwa izindi ntware zibabaza abantu bitari ngombwa;	1° employment of poisonous weapons or other weapons which cause unnecessary suffering;	1° l'emploi d'armes toxiques ou d'autres armes conçues pour causer des souffrances inutiles;
2° gusahura ibintu bya Leta cyangwa by'abantu ku giti cyabo;	2° looting of public or private property;	2° le pillage de biens publics ou privés ;
3° guhana abantu ikivunge udakurikije ibyaha bya buri muntu;	3° collective punishments for individual acts;	3° les peines collectives pour des actes individuels;
4° gutesha umuntu icyubahiro, by'umwihariko kumusambanya ku gahato, kwangiza imyanya ndangagitsina, gushora umuntu mu buraya ku gahato n'ubundi buryo bwose bw'icyaha cy'urukozasoni;	4° outrages on human dignity, in particular rape, sexual torture, forced prostitution and any form of indecent assault;	4° les atteintes à la dignité de la personne, en particulier le viol, les tortures sexuelles, la prostitution forcée et toute forme d'attentat à la pudeur;
5° gushyira abantu mu bucakara no kubacuruza nk'abacakara, ibikorwa bijyana na byo n'imirimo y'uburetwa y'uburyo ubwo ari bwo bwose;	5° enslavement and slave trade, slavery-like practices and forced labour in any form;	5° la réduction en esclavage et la traite d'esclaves, les pratiques liées à l'esclavage et le travail forcé sous toutes ses formes;
6° gushyira abantu b'abasiviri imbere ku rugamba bituma baba agakingirizo k'amasasu;	6° use of human shields;	6° l'usage de boucliers humains;
7° ibikorwa bya kiboko bigamije gutera ubwoba abaturage cyangwa bamwe muri bo;	7° acts of violence meant to terrorize all or part of the population;	7° les actes de violence destinés à semer la terreur dans la totalité ou une partie de la population;

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|---|--|--|
| 8° gushyira igitugu ku basiviri barimo n'abana, ngo bajye mu mirwano cyangwa ngo bakore imirimo ijyanye n'inshingano za gisirikare; | 8° forcing civilians, including children to take part in hostilities or to perform works related to military service purposes; | 8° le fait de contraindre des civils, y compris des enfants, à prendre part aux hostilités ou à accomplir des travaux liés à des fins militaires; |
| 9° kwicisha abaturage inzara no kubabuzza ko imfashanyo zagenewe kubagoboka zibageraho; | 9° starving the civilian population and preventing humanitarian assistance from reaching such population; | 9° le fait d'affamer la population civile et d'empêcher l'aide humanitaire de lui parvenir; |
| 10° gutandukanya ubigambiriye abana n'ababyeyi babo cyangwa n'abandi bashinzwe umutekano n'imibereho myiza byabo; | 10° deliberately separating children from their parents or other persons in charge of their security and welfare; | 10° le fait de séparer délibérément les enfants de leurs parents ou des personnes responsables de leur sécurité et de leur bien-être; |
| 11° kutavura inkomere, abarwayi, abarohamyeye n'abandi bantu babujijwe uburenganzira bwabo ku mpamvu zifitanye isano n'intambara; | 11° refusal to cater for the wounded, sick, shipwrecked persons and persons whose liberty has been restricted for reasons related to the armed conflict; | 11° le fait de ne pas soigner les blessés, les malades, les naufragés et les personnes privées de leur liberté pour des motifs liés au conflit armé; |
| 12° gufata nabi imfungwa cyangwa abantu bahuriywe ahanu hamwe. | 12° mistreatment of prisoners or internees. | 12° le fait de soumettre les prisonniers ou les internés à de mauvais traitements. |

Ingingo ya 100: Ibihano ku bindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu byaha biteganyijwe mu ngingo ya 99 y'iri tegeko ahanwa ku buryo bukurikira:

- 1° igifungo cya burundu iyo akoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu gace ka 1°, aka 4°, aka 5°, aka 6°, aka 9° n'aka 10°;

Article 100: Penalties for other acts characterized as war crimes

Any person convicted of any of the offences referred to under Article 99 of this Law is liable to the following penalties:

- 1° life imprisonment if he/she has committed any of the acts referred to under items 1°, 4°, 5°, 6°, 9° and 10°;

Article 100: Peines pour d'autres actes qualifiés de crimes de guerre

Toute personne reconnue coupable de l'une des infractions prévues à l'article 99 de la présente loi est passible des peines suivantes:

- 1° un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des actes prévus aux points 1°, 4°, 5°, 6°, 9° et 10°;

- | | | |
|---|--|---|
| 2° igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 3°, aka 8°, aka 11° n'aka 12°; | 2° imprisonment for a term not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years, if he/she has committed any of the acts referred to under items 3°, 8°, 11° and 12°; | 2° un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans, si elle a commis l'un des actes prévus aux points 3°, 8°, 11° et 12°; |
| 3° igihano cy'igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10) iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 2° n'aka 7°. | 3° imprisonment for a term not less than five (5) years and not more than ten (10) years, if he/she has committed any of the acts referred to under items 2° and 7°. | 3° un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas dix (10) ans, si elle a commis l'un des actes prévus aux points 2° et 7°. |

Ingingo ya 101: Gukoresha ku mwanzi uburyo cyangwa intwaro bibujijwe

Umuntu wese ukoresha cyangwa utegeka gukoresha ku mwanzi uburyo cyangwa intwaro bibujijwe n'amategeko n'imico bikurikizwa mu bihe by'intambara n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20).

Iyo uburyo n'intwaro byakoreshejwe cyangwa byategetswe gukoreshwa byateye urupfu rw'umuntu, igihano kiba igifungo cya burundu.

Article 101: Using prohibited methods or weapons against the enemy

Any person who uses or orders use, against the enemy, of methods or weapons expressly forbidden by the laws and customs applicable in armed conflict, as well as international conventions ratified by Rwanda, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years.

When the methods and weapons used or ordered to be used result in the death, the penalty is a life imprisonment.

Article 101: Utilisation des méthodes ou armes prohibées contre l'ennemi

Toute personne qui emploie ou ordonne d'employer contre l'ennemi des méthodes ou armes expressément interdites par les lois et usages applicables aux conflits armés ainsi que par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans.

Lorsque les méthodes et armes employées ou ordonnées pour utilisation ont eu pour conséquence la mort, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.

Icyiciro cya 4: Ibyaha bibangamira imiryango itabara imbabare

Ingingo ya 102: Ihanwa ry'ibyaha bibangamira imiryango itabara imbabare mu gihe cy'intambara

Umuntu wese:

1° ubangamira abakozi b'imiryango itabara imbabare mu mirimo yabo y'ubutabazi;

2° usenya cyangwa wangiza ku bushake mu gihe cy'imirwano, ibikoresho, inyubako cyangwa ububiko bw'ibintu by'iyo miryango cyangwa bicungwa na yo;

aba akoze icyaha.

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana atanu (500,000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 103: Gukoresha ikirango cy'umuryango utabara imbabare mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Umuntu wese, abigambiriye, ukoresha, wambara cyangwa witwaza ikirango

Section 4: Offences against humanitarian organizations

Article 102: Punishment for offences against humanitarian organizations in wartime

Any person who:

1° engages in hostile acts against the personnel of humanitarian organizations in the course of the performance of their duties;

2° wilfully destroys or damages, during hostilities, facilities or warehouses belonging to or managed by such organizations;

commits an offence.

Any person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Article 103: Unlawful use of an emblem of a humanitarian organization

Any person who, intentionally, uses, wears or carries the emblem of humanitarian

Section 4: Infractions contre les organisations humanitaires

Article 102: Répression des infractions contre les organisations humanitaires en temps de guerre

Toute personne qui:

1° se livre à des actes d'hostilité envers le personnel des organisations humanitaires dans l'exercice de leurs fonctions;

2° détruit ou endommage volontairement à l'occasion d'hostilités, les installations ou les dépôts appartenant à ces organisations ou placés sous leur gestion ;

commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes prévus à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Article 103: Usage illicite de l'emblème d'une organisation humanitaire

Toute personne qui, intentionnellement, porte ou arbore l'emblème des

cy'imiryango itabara imbabare mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa ikindi kirango cy'icyiganano gishobora gutera urujijo, aba akoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana atanu (500,000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW)

Icyiciro cya 5: Ingingo zihuriweho n'icyaha cya Jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara

Ingingo ya 104: Icyaha cya Jenocide n'icyaha cyibasira inyokomuntu bikoze n'inzego zigenga zifite ubuzimagatozi

Amasosiyete, amakoperative, ibigo byigenga bifite ubuzimagatozi bishyigikiye, ku buryo ubwo ari bwo bwose, icyaha cya Jenocide n'icyaha cyibasira inyokomuntu bivugwa mu ngingo ya 91, iya 93 n'ya 94 z'iri tegeko, bihanishwa guseswa cyangwa kwamburwa uburenganzira bwo gukorera mu Rwanda.

organizations in violation of law, or any other sign constituting an imitation thereof likely to cause confusion, commits an offence.

A person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Section 5: Common provisions applicable to the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes

Article 104: Crime of genocide and crime against humanity committed by private entities with legal personality

Companies, cooperatives, private entities with legal personality which, by any means, support the crime of genocide and the crime against humanity referred to under Articles 91, 93 and 94 of this Law are liable to the penalty of dissolution or that of being subject to revocation of their authorization to carry out their activities in Rwanda.

organisations humanitaires en violation de la loi ou tout autre signe en constituant une imitation pouvant prêter à confusion commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

Section 5: Dispositions communes au crime de génocide, aux crimes contre l'humanité et aux crimes de guerre

Article 104: Crime de génocide et crime contre l'humanité commis par les entités de droit privé dotées de la personnalité juridique

Les sociétés, les coopératives et les entités de droit privé dotées de la personnalité juridique qui soutiennent, de quelque manière que ce soit, le crime de génocide et le crime contre l'humanité visés aux articles 91, 93 et 94 de la présente loi, sont passibles de dissolution ou de révocation de leur autorisation d'exercice d'activités au Rwanda.

Ingingo ya 105: Uburyozwacyaha bw'umuyobozi n'ubw'uyoborwa

Icyaha cya Jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara bikoze n'uyoborwa, ntibibuza umuyobozi we kubiryoza mu gihe azi cyangwa yagombaga kumenya ko uwo ayobora yari yiteguye kubikora cyangwa ko yabikoze ntabe yarafashe ibyemezo bya ngombwa kandi bishyize mu gaciro kugira ngo abuze ko icyo cyaha gikorwa cyangwa ngo afatire ibyemezo uwagikoze kandi abimenyeshe inzego zibishinzwe.

Kuba ushinjwa yarakoze icyaha yubahiriza amabwiriza ya Guverinoma cyangwa y'umuyobozi we ntibimuhaguraho uburyozwacyaha mu gihe byagaragaraga ko kubahiriza ayo mabwiriza byashoboraga gutuma hakorwa kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo.

Ingingo ya 106: Ukudasaza kw'icyaha cya Jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara

Icyaha cya Jenocide, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara kimwe n'ibihano byatanzwe kuri ibyo byaha ntibisaza.

Article 105: Criminal liability of a superior and a subordinate

The fact that the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes were committed by a subordinate does not relieve his/her superior of criminal liability if he/she knew or had reason to know that the subordinate was about to commit such crimes or had done so and the superior failed to take the necessary and reasonable measures to prevent such crimes or to punish the offender and inform relevant authorities.

The fact that the accused committed a crime in the execution of an order of a Government or a superior does not relieve the accused of criminal liability if it was evident that the execution of the order would result in the commission of any of the offences referred to under Paragraph One of this Article.

Article 106: Imprescriptibility of the crime of genocide, crimes against humanity and war crimes

Umuntu wese, wahawe ububasha n'igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu cyangwa wahawe inshingano ku bw'amatora, ukomeza imirimo nyuma yo kumenyeshwa ko atakiri muri icyo mirimo cyangwa nyuma yo kurangiza manda ye, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Ingingo ya 284: Gukora igikorwa kibangamira ubwisanzure bwa muntu

Umuntu wese, wahawe ububasha mu gihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu, mu kazi ke cyangwa ku bw'imikorere y'akazi ke, utegeka cyangwa ukora ubwe igikorwa kibangamira uburenganzira bwo kwishyira ukizana bwa muntu, uretse igihe biteganywa n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Article 283: Continued use of authority after termination of a service in accordance with law

Any person vested with public authority or responsible for a public service mission or elective mandate, who, having been notified of the cessation of his/her duties or whose term of office has expired and continues to perform the said duties, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

Article 284: Commission of an act which violates individual liberty

Any person vested with public authority or responsible for a public service mission who, in the course of acting in the exercise or the exercise of his/her duties, orders or personally performs an act which violates an individual freedom, except when provided for by the law, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but more than five (5) years.

Article 283: Continuer à exercer les fonctions après la cessation de service prévue par la loi

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public ou investie d'un mandat électif, ayant été notifiée de la cessation de ses fonctions ou dont le mandat arrive à son terme et qui continue à exercer les dites fonctions commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de franc rwandais (1.000.000 FRW).

Article 284: Commettre un acte attentatoire à la liberté individuelle

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public, agissant dans l'exercice ou en vertu de l'exercice de ses fonctions, qui ordonne ou accomplit personnellement un acte attentatoire à la liberté individuelle sauf lorsqu'il est prévu par la loi, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au

moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Ingingo ya 285: Gushyira umuntu mu buroko cyangwa kumurekeramo mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Umukozi wa Leta wese ushyira umuntu muri kasho cyangwa muri gereza cyangwa akamurekeramo binyuranyije n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kingana n'icyo uwo yarenganyije yamazemo kinyuranye n'amategeko n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari muni y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Article 285: Unlawful detention

Any civil servant who unlawfully puts or retains a person in detention or in prison, commits an offense. Upon conviction, he/she is liable to a term of imprisonment equivalent to the term incurred by the illegally detained person and a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of those penalties.

Article 285: Détention illégale

Tout agent de l'État qui met ou maintient illégalement une personne en détention ou en prison, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement égal à celle que la personne détenue illégalement a déjà purgée et d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (FRW 100.000) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (FRW 1.000.000) ou de l'une de ces peines seulement.

INTERURO YA IV: IBYAHA BYA GISIRIKARE

TITLE IV: MILITARY OFFENCES

TITRE IV: INFRACTIONS MILITAIRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya 286: Ibisobanuro by'amagambo

Article 286: Definitions

Article 286: Définitions

Muri iyi nteruro, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

In this Title, the words below have the following meanings:

Dans le présent titre, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1° **umukuru:** umusirikare urusha undi ipeti cyangwa umurusha inshingano mu kazi igihe banganya ipeti cyangwa umurusha

1° **superior:** a soldier whose rank is higher than that of another or who assumes greater responsibility than another in case of equal

1° **supérieur:** un militaire ayant un grade supérieur à celui d'autrui ou ayant une responsabilité plus importante que celle

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

uburambe mu kazi igihe banganya inshingano;	ranks or who has greater experience in case of equal responsibilities;	d'autrui en cas d'égalité de grades ou ayant une plus grande expérience au cas où ils ont des mêmes responsabilités;
2° umurinzi: umusirikare wahawe umurimo wo kurinda ahantu hazwi;	2° soldier on guard: a soldier to whom a guard of given post is assigned;	militaire en faction: militaire à qui la garde d'un endroit déterminé a été assignée;
<u>Ingingo ya 287:</u> Uko ibihano bitangwa ku byaha byakozwe n'abasirikare	<u>Article 287:</u> Provisions for the repression of offences committed by soldiers	<u>Article 287:</u> Dispositions applicables pour la répression des infractions commises par les militaires
Mu guhana ibyaha byakozwe n'abasirikare, hatangwa ibihano ku buryo bukurikira:	The following provisions are applied for the repression of offences committed by soldiers:	Lors de la répression des infractions commises par les militaires, on applique les peines de façon suivante:
1° ku byaha bya gisirikare, ibihano bitangwa biteganywa mu ngingo zihana ibyaha bya gisirikari;	1° for military offences, the applicable penalties are provided for in the provisions relating to the punishment of military offences;	1° pour les infractions militaires, les peines applicables sont celles prévues par les dispositions relatives à la répression des infractions militaires;
2° inkiko za gisirikare zihanisha ibyaha bisanzwe byakozwe n'abasirikare hagati yabo cyangwa babikoreye abandi, ibihano biteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko ahana asanzwe;	2° military courts apply to common law offences committed by soldiers between themselves or to other persons, the penalties provided for by this Law and other provisions of ordinary criminal laws;	2° les juridictions militaires appliquent aux infractions de droit commun commises par des militaires entre eux ou envers d'autres personnes les peines prévues par la présente loi et d'autres dispositions des lois pénales ordinaires;
3° igihe cy'imidugararo gifatwa nk'igihe cy'intambara ku byerekeranye no guhana ibyaha bya gisirikare. Inkiko za gisirikare zihanisha ibyaha bikoze mu gihe cy'imidugararo ibihano biteganyirijwe ibyaha bikoze mu gihe cy'intambara.	3° for the repression of the military offences, the state of emergency is assimilated to the time of war. The military courts apply to offences committed during the period of emergency the penalties prescribed for offences committed in time of war.	3° pour la répression des infractions militaires, l'état d'urgence est assimilé au temps de guerre. Les juridictions militaires appliquent aux infractions commises pendant la période d'urgence les peines prévues pour les infractions commises en temps de guerre.

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

Ingingo ya 288: Ubwoko bw'ibihano bihabwa abasirikare

Ibihano by'iremezo bihabwa abasirikare ni ibi bikurikira:

1° igifungo;

2° ihazabu.

Ibihano by'ingereka bihabwa abasirikare ni ibi bikurikira:

1° kunyagwa amapeti ya gisirikare;

2° gusubizwa inyuma mu ntera.

Article 288: Classification of military penalties

The main penalties applicable to soldiers are the following:

1° imprisonment;

2° a fine.

Additional penalties applicable to soldiers are the following:

1° stripping off military ranks;

2° demotion.

Article 288: Classification des peines militaires

Les peines principales applicables aux militaires sont les suivantes:

1° l'emprisonnement;

2° l'amende.

Les peines accessoires applicables aux militaires sont les suivantes:

1° la dégradation militaire;

2° la rétrogradation.

Ingingo ya 289: Igihano cy'igifungo

Umusirikare wakatiwe igihano cy'igifungo arangiza igihano cye muri gereza yemewe n'amategeko.

Article 289: Penalty of imprisonment

A convicted soldier serves his/her penalty of imprisonment in a legally recognized prison.

Article 289: Peine d'emprisonnement

Un militaire condamné à l'emprisonnement purge sa peine dans une prison reconnue par la loi.

Ingingo ya 290: Itangwa ry'igihano cy'ihazabu

I hazabu igenwa kandi igatangwa mu buryo buteganyijwe mu ngingo ya 30, iya 31, iya 32, iya 33 n'ya 34 z'iri tegeko.

Article 290: Imposition of a penalty of a fine

A fine is imposed and paid in accordance with the provisions of Articles 30, 31, 32, 33 and 34 of this Law.

Article 290: Imposition de la peine d'amende

L'amende est imposée et est payée selon les modalités prévues aux articles 30, 31, 32, 33 et 34 de la présente loi.

Ingingo ya 291: Kunyagwa amapeti ya gisirikare

Igihano cyo kunyagwa amapeti ya gisirikare gihabwa umusirikare iyo:

Article 291: Stripping off military ranks

The penalty of stripping off military ranks is imposed on a soldier if:

Article 291: Dégradation militaire

La peine de dégradation militaire est imposée à un militaire si :

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|---|--|--|
| 1° yakoze icyaha cy'ubugambanyi; | 1° he/she committed a treason; | 1° il a commis la trahison; |
| 2° yeguriye umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe cyangwa yatereranye abandi basirikare ku rugamba; | 2° he/she surrendered to the enemy a post or a position assigned to him/her or abandoned other soldiers on the battle field; | 2° il a abandonné à l'ennemi un poste ou une position lui assignés ou des autres soldats sur le champ de bataille; |
| 3° yakoze ubugande cyangwa ubwivumbure mu gihe cy'intambara; | 3° he/she committed an insubordination or revolt in wartime; | 3° il a été l'auteur de l'insubordination ou la révolte en temps de guerre; |
| 4° yahurujwe mu gihe cy'intambara ntajye aho ahamagarirwa kuba ari; | 4° he/she refused to go to his/her place of deployment in wartime; | 4° il a refusé d'aller dans son lieu de déploiement en temps de guerre ; |
| 5° yatorotse igisirikare; | 5° he/she deserted; | 5° il a déserté; |
| 6° yakoze icyaha cya Jenocide; | 6° he/she committed the crime of Genocide; | 6° il a commis le crime de génocide; |
| 7° yakoze ibyaha byibasiye inyokomuntu; | 7° he/she committed the crimes against humanity; | 7° il a commis les crimes contre l'humanité; |
| 8° yakoze icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato; | 8° he/she committed the crime of rape; | 8° il a commis le crime de viol; |
| 9° yakoze icyaha cyo gusambanya umwana; | 9° he/she committed a child defilement; | 9° il a commis le crime de viol sur un enfant; |
| 10° yakatiwe igifungo kiri hejuru y'imyaka itanu (5). | 10° he/she was convicted to imprisonment for a term which is more than five (5) years. | 10° il a été condamné à un emprisonnement supérieur à cinq (5) ans. |

Ingingo ya 292: Inkurikizi zo kunyagwa amapeti ya gisirikare

Inyagwa ry'amapeti ya gisirikare rigira inkurikizi zikurikira:

Article 292: Consequences of stripping off ranks

Stripping off ranks has the following consequences:

Article 292: Effets de la dégradation militaire

La dégradation militaire produit les effets suivants:

Official Gazette no. Special of 27/09/2018

- | | | |
|--|--|---|
| 1 ° ukwakwa ipeti n'uburenganzira bwo kwambara ibimenyetso byaryo n'umwambaro wa gisirikare; | 1 ° deprivation of rank and the right to wear related military insignias and uniform; | 1 ° la privation du grade et du droit d'en porter les insignes et l'uniforme; |
| 2 ° ukudashobora kubona umurimo uwo ari wo wose mu Ngabo z'u Rwanda; | 2 ° inability to serve in Rwanda Defense Forces, in any capacity; | 2 ° l'incapacité de servir au sein des Forces Rwandaises de Défense, à quelque titre que ce soit; |
| 3 ° ukwamburwa uburenganzira bwo kubona umwanya mu mirimo rusange y'Igihugu; | 3 ° loss of the right of access to public employment; | 3 ° la déchéance du droit d'accès aux emplois publics; |
| 4 ° ukwamburwa uburenganzira bwerekeye gutora no gutorwa; | 4 ° loss of the right to vote and be elected; | 4 ° la déchéance du droit de vote et d'éligibilité; |
| 5 ° ukwakwa uburenganzira bwo kwambara impeta cyangwa ikindi kimenyetso cy'ishimwe. | 5 ° deprivation of the right to wear any decoration or any other sign worn as a mark of honor. | 5 ° la privation du droit de porter une décoration ou un autre signe d'une distinction honorifique. |

Ingingo ya 293: Ibyaha bihanishwa ugusubizwa inyuma mu ntera

Urukiko rushobora guha umusirikare wakoze ibyaha bya gisirikare cyangwa kimwe mu byaha bisanzwe bikurikira igihano cyo gusubizwa inyuma mu ntera:

- 1° gusinda mu kazi;
- 2° ibyaha by'urukozasoni;
- 3° gukubita cyangwa gukomeretsa bikabije;
- 4° ubwambuzi bushukana;

Article 293: Offences punishable by demotion

The court may impose a penalty of demotion against a soldier who commits military offences or any of the following ordinary offences:

- 1° drunkenness on duty;
- 2° indecent assault;
- 3° aggravated assault or battery;
- 4° fraud;

Article 293: Infractions punissables de la rétrogradation

La juridiction peut prononcer la rétrogradation contre un militaire ayant commis des infractions militaires ou l'une quelconque des infractions de droit commun ci-après:

- 1° ivresse au service;
- 2° attentat à la pudeur;
- 3° coups ou blessures graves;
- 4° escroquerie;

5° ubujura;

5° theft;

5° vol;

6° ubuhemu.

6° breach of trust;

6° abus de confiance;

Ingingo ya 294: Inkurikizi z’ugusubizwa inyuma mu ntera

Gusubizwa inyuma mu ntera, bituma umusirikare wakatiwe icyo gihano yamburwa ipeti yari agezeho, agasubizwa ku ipeti ribanziriza iryo yari afite, mu gihe kiri hagati y’amezi atandatu (6) n’imyaka itatu (3).

Uburambe ku ipeti umusirikare yari asanganywe burasubikwa mu gihe yasubijwe inyuma mu ntera.

Igihano cyo gusubizwa inyuma mu ntera ntigihabwa abasirikare bafite ipeti rya Soluda na Suliyetona.

UMUTWE WA II: IHANWA RY’IBYAHA BYA GISIRIKARE

Icyiciro cya mbere: Kwica akazi nshinganwa ka gisirikare

Ingingo ya 295: Kwegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu cyangwa gutererana abandi basirikare ku rugamba

Umusirikare wese, ku rugamba, wegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe

Article 294: Consequences of demotion

A soldier sentenced to demotion loses his/her rank and reverted to the rank preceding the one he/she had for a period between six (6) months and three (3) years.

The soldier’s seniority in the rank is suspended in case of demotion.

The penalty of demotion does not apply to soldiers holding the rank of private and second lieutenant.

CHAPTER II: PUNISHMENT OF MILITARY OFFENCES

Section One: Breach of military duties

Article 295: Abandonment or surrender to the enemy of post or a position or abandonment of other soldiers on the battle field

Any soldier on battlefield, who surrenders a post or a position assigned to him/her to the

Article 294: Effets de la rétrogradation

Le militaire condamné à la rétrogradation perd son grade et est ramené au grade qui précède celui qu’il avait, pendant une durée de six (6) mois à trois (3) ans.

En cas de rétrogradation, il y a suspension de l’ancienneté du grade qu’avait le militaire.

La peine de rétrogradation ne s’applique pas aux militaires ayant le grade de soldat et de sous-lieutenant.

CHAPITRE II: RÉPRESSION DES INFRACTIONS MILITAIRES

Section première: Violation des devoirs militaires

Article 295: Abandon ou reddition à l’ennemi d’un poste ou d’une position ou abandon des autres soldats sur le champ de bataille

Tout militaire se trouvant sur le champ de bataille qui rend à l’ennemi, sans y être

bidatewe no kurushwa imbaraga, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ni nabyo bihabwa umusirikare wese uterera abandi basirikare ku rugamba.

Ingingo ya 296: Guta izamu cyangwa kudakurikiza amabwiriza y'izamu

Umurinz wese uri ku izamu akarita cyangwa udakurikiza amabwiriza y'izamu yahawe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Iyo abikoze umwanzi yugarije, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

enemy, without being compelled to do so by the superior forces of the enemy, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years.

Penalties provided for under Paragraph One of this Article also apply to any soldier who abandons other soldiers on the battle field.

Article 296: Abandonment of post or disobeying its instructions

Any soldier on guard duties who abandons a post or disobeys instructions, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but less than six (6) months.

If he/she commits such acts in wartime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year, and not more than two (2) years.

If he/she commits such acts in the face of the enemy, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

contraint par des forces supérieures, un poste ou une position qui lui est assignés commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à tout militaire qui abandonne les autres soldats sur le champ de bataille.

Article 296: Abandon de poste ou omission de remplir sa consigne

Tout militaire en faction qui abandonne son poste ou omet de remplir sa consigne commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

S'il commet ces actes en temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

S'il commet ces actes en présence de l'ennemi, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Ingingo ya 297: Gusinzirira ku burinzi

Umusirikare wese usinzira ari ku burinzi aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'iminsi umunani (8) ariko kitarenze amezi abiri (2), iyo icyaha gikozwe mu gihe cy'amahoro.

Iyo gusinzira ku burinzi byakozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Iyo gusinzira ku burinzi byakozwe mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugariye, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Ingingo ya 298: Gusindira ku burinzi

Umusirikare wese usinda ari ku burinzi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'ukwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) iyo gusinda byakozwe mu gihe cy'amahoro.

Iyo icyaha cyakozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Article 297: Sleeping on guard duty

Any soldier who sleeps while on guard duty, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days and not more than two (2) months, if committed in peacetime.

If the offence of sleeping on guard duty is committed in wartime, the applicable penalty is an imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the offence of sleeping on guard duty is committed in wartime, and in the face of the enemy, the applicable penalty is an imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

Article 298: Drunkenness on guard

Any soldier who is found drunk while on guard, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month but less than six (6) months, if drunkenness is committed in peacetime.

If drunkenness is committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

Article 297: Sommeiller en faction

Tout militaire qui, étant en faction, sommeille commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais n'excédant pas deux (2) mois, si l'infraction est commise en temps de paix.

Si l'infraction de sommeiller en faction est commise en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Si l'infraction de sommeiller en faction est commise en temps de guerre et en présence de l'ennemi, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Article 298: Ivresse en faction

Tout militaire en faction qui se rend ivre au poste commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois, si l'ivresse est commise en temps de paix.

Si l'ivresse est commise en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Iyo icyaha cyakoze mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Ingingo ya 299: Guta umurimo

Umusirikare wese utari umurinzi, uta umurimo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'ukwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6), iyo bikoze mu gihe cy'amahoro. Iyo bikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Iyo guta umurimo bikoze n'umusirikari ushinze ubuyobozi bw'umurimo, uwakoze icyaha ahanishwa igihano ntarengwa cyo hejuru.

Iyo guta umurimo byakozwe mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, uwakoze icyaha wese yaba ari umuyobozi w'umurimo cyangwa atariwe, ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

If drunkenness is committed in wartime, and in the face of the enemy, the applicable penalty is imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

Article 299: Service abandonment

Any soldier other than a soldier on guard duty, who abandons service, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month but less than six (6) months, if committed in peacetime. If abandonment of service is committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

If abandonment of service is committed by the commander of the post of service he/she is liable to the maximum penalty.

If abandonment of service is committed in wartime, and in the face of the enemy, the offender, whether commander of the post or not, is liable to an imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

Si l'ivresse est commise en temps de guerre et en présence de l'ennemi, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Article 299: Abandon de service

Tout militaire autre qu'un militaire en faction, qui abandonne le service commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois, si l'infraction est commise en temps de paix. Si l'abandon de service est commis en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Si l'abandon de service est commis par un chef de poste, il est passible de la peine maximale.

Si l'abandon de service est commis en temps de guerre et en présence de l'ennemi, l'auteur de l'infraction, qu'il soit ou pas chef de poste, est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Ingingo ya 300: Kubura ku murimo mu gihe cy'intambara cyangwa igihe ingabo zihurujwe

Umusirikare wese, mu gihe cy'intambara cyangwa igihe ingabo zihurujwe, ubura ku murimo ashinzwe, mu gihe yahawe cyo kuba ahari, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Icyiciro cya 2: Ubugande, ubwivumbure no kwigaragambya

Ingingo ya 301: Ubugande

Umusirikare wese wanga kumvira amabwiriza y'umutegeka cyangwa uwanga nkana gukurikiza amategeko yahawe yerekeye akazi, aba akoze icyaha cy'ubugande. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Mu gihe cy'intambara, iyo uwahamijwe n'urukiko gukora icyaha atari Ofisiye, igihano kiba igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2). Iyo ari Ofisiye, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Article 300: Absence from the post in wartime or when the army is on alert

Any soldier who, in wartime or when the army is on alert, fails to return on duty in the required time, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

Section 2: Insubordination, revolt and strike

Article 301: Insubordination

Any soldier who disobeys orders of his/her superior or who deliberately refuses to obey instructions given to him/her in relation to military service commits the offence of insubordination. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the offence of insubordination is committed by a non-officer in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years. If the convict is an officer, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

Article 300: Absence au poste en temps de guerre ou en cas d'alerte de l'armée

Tout militaire qui, en temps de guerre ou en cas d'alerte de l'armée, ne se rend pas à son poste dans le délai imparti commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Section 2: Insubordination, révolte et grève

Article 301: Insubordination

Tout militaire qui refuse d'obéir aux ordres de son supérieur ou celui qui refuse consciemment d'obéir aux ordres lui donnés pour un service militaire commet l'infraction d'insubordination. Lorsqu'il est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

En temps de guerre, lorsque la personne reconnue coupable n'est pas un officier, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans. S'il est officier la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Iyo ubugande bukozwe imbere y'umwanzi, Ofisiye ahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15), utari Ofisiye agahanishwa igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Icyakora, ntibitwa ubugande ku muntu utubahirije amabwiriza anyuranyije n'amategeko.

Ingingo ya 302: Ubwivumbure

Iyo abasirikare babiri (2) cyangwa barenga bangiye rimwe amabwiriza yerekeye akazi atanzwe n'ubategeka, baba bakoze icyaha cy'ubwivumbure.

Iyo babihamijwe n'urukiko bahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6), mu gihe cy'amahoro. Iyo kwivumbura byakozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Abasirikare bahamijwe n'urukiko gukora icyaha cyo kwimvubura bikomotse ku kagambane, bahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3) iyo babikoze mu gihe cy'amahoro. Iyo kwivumbura bikomotse

If insubordination is committed in the face of the enemy, the officer is liable to imprisonment for term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years, while a non-officer is liable to imprisonment for a term of less than three (3) years and not more than five (5) years.

However, disobeying instructions that are contrary to the law is not qualified as insubordination.

Article 302: Revolt

If two (2) or more soldiers refuse to obey simultaneously the orders from their superior they commit the offence of revolt.

If convicted in peace time, they are liable to imprisonment for a term of not less than three (3) months but less than six (6) months. If revolt is committed in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

Soldiers who are convicted to have committed an offence of a coordinated revolt, is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years, if committed in peacetime. If a coordinated revolt is

Si l'insubordination est commise en présence de l'ennemi, un officier est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans, s'il n'est pas officier, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Toutefois, la non-exécution des ordres contraires à la loi n'est pas qualifiée d'insubordination.

Article 302: Révolte

Lorsque deux (2) ou plusieurs militaires refusent simultanément d'obéir aux ordres de service donnés par leur supérieur ils commettent l'infraction de révolte.

Lorsqu'ils sont rendus coupables d'une révolte, ils sont passibles d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois, s'ils l'ont commise en temps de paix. Si la révolte est commise en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Les militaires rendus coupables d'une révolte concertée, sont passibles d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans, s'ils l'ont commise en temps de paix. Si la révolte concertée est commise en temps de guerre,

ku kagambane bikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari muni y'inyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Aboheje ubwivumbure cyangwa ababutegetse bahanishwa igihano ntarengwa giteganyirijwe icyo cyaha, bitewe n'igihe n'uburyo cyakozwemo.

Ofisiye uhamijwe n'urukiko gufatanya n'abandi basirikare kwivumbura, ahanishwa igifungo kitari muni y'inyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5). Iyo yabikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari muni y'inyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10)

Iyo ubwivumbure bukoze imbere y'umwanzi, uwakoze icyaha wese, yaba Ofisiye cyangwa atari Ofisiye, ahanishwa igifungo kirenze imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Ingingo ya 303: Kwigaragambya

Umusirikare wese wigaragambya, yaba ari kumwe n'abandi basirikare cyangwa ari kumwe n'abasivili, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

The instigators or leaders of the revolt are liable to the maximum penalty for this offence, depending on the time and the terms of its commission.

An officer convicted to have engaged in revolt with other soldiers is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years. If he/she commits such offence in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

If the revolt is committed in the face of the enemy, the offender, whether officer or not, is liable to imprisonment for a term of more than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

Article 303: Strike

Any soldier who engages in a strike, whether with other military officers or civilians, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Les instigateurs ou les chefs de la révolte sont passibles de la peine maximale prévue pour cette infraction, selon le temps et le mode de sa commission.

Un officier reconnu coupable de s'engager dans une révolte avec d'autres militaires est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans. S'il a commis l'infraction en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Lorsque la révolte est commise en présence de l'ennemi, l'auteur, qu'il soit officier ou non, est passible d'un emprisonnement de plus de dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Article 303: Grève

Tout militaire qui s'engage dans une grève, qu'il soit avec d'autres militaires ou des civils commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Iyo umusirikare ari we woheje abandi, wategetse cyangwa wayoboye iyo myigaragambyo, igihano kiba igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Icyiciro cya 3: Gukoza isoni no guhutaza umukuru cyangwa umurinzi

Ingingo ya 304: Gukoza isoni umukuru

Umusirikare wese ukoza isoni umukuru, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo umusirikare akojeje isoni umukuru mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, igihano kiba igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Ingingo ya 305: Guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho

Umusirikare wese uhutaza umurinzi cyangwa umukoreshaho ibikangisho, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari muni y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

If a soldier acts as an instigator, leader or organizer of the strike, the penalty is an imprisonment for a term of not less than one (1) year, and not more than two (2) years.

Section 3: Humiliation and violence against a superior or a soldier on guard duty

Article 304: Humiliation of a superior

Any soldier who humiliates a superior, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but less than six (6) months.

If a soldier humiliates a superior when on duty or in the course of duty, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

Article 305: Violence or threats against a guard

Any soldier who commits violence or threats to a soldier on guard, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

Lorsqu'un militaire a joué le rôle d'instigateur, de chef ou d'organisateur de la grève, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Section 3: Outrage et violence envers un supérieur ou un militaire en faction

Article 304: Outrage envers un supérieur

Tout militaire qui outrage un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

Lorsque l'outrage a lieu pendant le service ou à l'occasion du service, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Article 305: Violence ou menaces contre un garde

Tout militaire qui commet la violence contre un militaire en faction ou lui fait des menaces commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara, gukomereka cyangwa ubumuga cyangwa kutagira icyo yikorera mu buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

If the violence or threats to a soldier on guard cause him/her an illness, an injury or disability or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

Lorsque la violence ou les menaces contre un militaire en faction lui ont causé une maladie, des blessures ou un handicap ou une incapacité non permanente de travail, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo ashobora gukora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

If the violence or threats to a guard result into an incurable illness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years.

Lorsque la violence ou les menaces contre un militaire en faction lui ont causé une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byakozwe mu gihe cy'intambara, ibihano ntarengwa byo hejuru bivugwa muri iyi ngingo byikuba kabiri.

When violence or threats against a soldier on guard are committed in wartime, the maximum penalties mentioned in this Article double.

Lorsque la violence ou menaces contre un militaire en faction sont commises en temps de guerre, les peines maximales prévues au présent article sont portés au double.

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byateye umurinzi urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu.

If violence or threats against a soldier on guard result into his/her death, the penalty is life imprisonment.

Lorsque la violence ou les menaces contre un militaire en faction ont causé la mort, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 306: Guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho

Article 306: Violence or threats against a superior

Article 306: Violence ou menaces contre un supérieur

Umusirikare wese uhutaza umukuru cyangwa umukoreshaho ibikangisho aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko,

Any soldier who commits violence or threats to a superior commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to

Tout militaire qui commet une violence ou menace contre un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu

ahanishwa igifungo kitari muni y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara, gukomereka cyangwa ubumuga cyangwa kutagira icyo yikorera mu buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kitari muni y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

If violence or threats against a superior results into an illness, an injury, disability or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

Lorsque la violence ou les menaces commises envers un supérieur ont causé une maladie, une blessure ou une incapacité non permanente de travail, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo ashobora gukora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

If violence or threats against a superior results into an incurable illness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

Lorsque la violence ou les menaces envers un supérieur ont causé une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuviriyemo urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu.

If violence or threats against a superior results into death, the penalty is life imprisonment.

Lorsque la violence ou les menaces envers un supérieur ont causé la mort, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

Ingingo ya 307: Guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho mu gihe cy'intambara

Article 307: Violence or threats against a superior in wartime

Article 307: Violence ou menaces contre un supérieur en temps de guerre

Umusirikare wese uhutaza umukuru cyangwa umukoreshaho ibikangisho mu gihe cy'intambara, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo

Any soldier who commits violence against or threats to a superior in wartime commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less

Tout militaire qui, en temps de guerre, exerce une violence ou menaces contre un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un

kitari munsu y'inyaka ibiri (2) ariko kitarenze inyaka itanu (5).

Iyo umusirikare ahutaje umukuru cyangwa amukoresheje ibikangisho mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kirenze inyaka itanu (5) ariko kitarenze inyaka irindwi (7).

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoresheje ibikangisho mu gihe cy'intambara byamuviriyemo indwara cyangwa kutabasha kugira icyo akora mu buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kirenze inyaka irindwi (7) ariko kitarenze inyaka icumi (10).

Iyo byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igihano kiba igifungo kirenze inyaka icumi (10) ariko kitarenze inyaka icumi n'ibiri (12).

Ingingo ya 308: Kwica umukuru

Umusirikare wese wica umukuru amuhoye akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu.

than two (2) years and not more than five (5) years.

If the violence against or threats to a superior are committed while on duty or in the course of duty in wartime, the penalty is imprisonment of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

If the violence against or threats to a superior in wartime result in an illness or disability or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years.

If the violence or threats against a superior result into an incurable illness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of more than ten (10) years and not more than twelve (12) years.

Article 308: Murder of a superior

Any soldier who kills a superior for work reasons or on duty related reasons commits an offence. When convicted, he/she is liable to life imprisonment.

emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Lorsque la violence ou menaces contre un supérieur sont commises en service ou à l'occasion du service en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Lorsque la violence ou menaces commises contre un supérieur en temps de guerre cause une maladie ou une incapacité non permanente de travail, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

